

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

A. Amateka ya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister's Orders / Arrêtés du Premier Ministre

N°151/03 ryo ku wa 10/06/2016

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena uburyo amahugurwa y'Abakozi ba Leta akorwa.....3

N°151/03 of 10/06/2016

Prime Minister's Order determining modalities for conducting training of public servants....3

N°151/03 du 10/06/2016

Arrêté du Premier Ministre portant modalités de déroulement des formations des Agents de l'Etat.....3

N°173/03 ryo ku wa 05/07/2016

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Abashinjacyaha bo ku rwego rwisumbuye.....30

N°173/03 of 05/07/2016

Prime Minister's Order appointing Prosecutors at intermediate level.....30

N°173/03 du 05/07/2016

Arrêté du Premier Ministre portant nomination des Officiers de Poursuite Judiciaire au niveau de grande instance.....30

N°174/03 ryo ku wa 05/07/2016

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Umuyobozi w'Ishami.....34

N°174/03 of 05/07/2016

Prime Minister's Order appointing a Director of Unit.....34

N°174/03 du 05/07/2016

Arrêté du Premier Ministre portant nomination d'un Directeur d'Unité.....34

N°175/03 ryo ku wa 05/07/2016

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Umuyobozi w'Ishami.....38

N°175/03 of 05/07/2016

Prime Minister's Order appointing a Director of Unit.....38

N°175/03 du 05/07/2016

Arrêté du Premier Ministre portant nomination d'un Directeur d'Unité.....38

N°176/03 ryo ku wa 05/07/2016

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Abagize Komite Ngishwanama.....42

N°176/03 of 05/07/2016

Prime Minister's Order appointing members of the Consultative Committee.....42

N°176/03 du 05/07/2016

Arrêté du Premier Ministre portant nomination des membres du Comité Consultatif.....42

N°177/03 ryo ku wa 05/07/2016

Iteka rya Minisitiri w'Intebe ryemerera Umuyobozi w'Ishami guhagarika akazi mu gihe kitazwi.....46

N°177/03 of 05/07/2016

Prime Minister's Order granting a leave of absence for non specific period to a Director of Unit.....46

N°177/03 du 05/07/2016

Arrêté du Premier Ministre portant mise en disponibilité pour une durée indéterminée un Directeur d'Unité.....46

N°178/03 ryo ku wa 05/07/2016

Iteka rya Minisitiri w'Intebe ryemerera umukozi wo ku rwego rw'Ubuyobozi muri Minisitiri gusezera burundu ku kazi.....50

N°178/03 of 05/07/2016

Prime Minister's Order granting a deliberate resignation to a senior official in a Ministry....50

N°178/03 du 05/07/2016

Arrêté du Premier Ministre portant démission volontaire d'un cadre du Ministère.....50

N°179/03 ryo ku wa 05/07/2016

Iteka rya Minisitiri w'Intebe ryirukana burundu Umuyobozi w'Ishami.....54

N°179/03 of 05/07/2016

Prime Minister's Order dismissing a Director of Unit.....54

N°179/03 du 05/07/2016

Arrêté du Premier Ministre portant révocation d'un Directeur d'Unité.....54

B. Amabwiriza y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali

N° 002/2015 yo ku wa 03/05/2015

Amabwiriza y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali agamije gukumira ubucuruzi bw'ibintu butemewe akanagenga imiterere n'imikorere y'amasoko aciriritse afashirizwamo abafite igishoro n'ubushobozi bucye (Free Markets) mu Mujyi wa Kigali.....58

C. Ishyirahamwe/ Association/ Association:

- Ishyirahamwe ry'abafite amashuri yigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga mu Rwanda « A.N.P.A.E.R ».....65
- Association Nationale des propriétaires des auto-écoles au Rwanda « A.N.P.A.E.R ».....65
- National Association of driving school's owners in Rwanda "A.N.P.A.E.R".....65

D. Ikiza ry'urubanza mu ruhame ryo kuwa 29/02/2008.....86

E. Guhindura amazina/Change of names/Changement de noms

- ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney.....88
- MWANAFUNZI INGABIRE Diana.....92

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°151/03 RYO KU WA 10/06/2016
RIGENA UBURYO AMAHUGURWA
Y'ABAKOZI BA LETA AKORWA

PRIME MINISTER'S ORDER N°151/03 OF
10/06/2016 DETERMINING
MODALITIES FOR CONDUCTING
TRAINING OF PUBLIC SERVANTS

ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°151/03 DU 10/06/2016 PORTANT
MODALITES DE DEROULEMENT DES
FORMATIONS DES AGENTS DE L'ETAT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka

Article 2: Scope of application

Article 2: Champ d'application

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions of terms

Article 3: Définitions des termes

UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE
Y'AMAHUGURWA

CHAPTER II: ORGANIZATION OF
TRAINING

CHAPITRE II: ORGANISATION DES
FORMATIONS

Ingingo ya 4: Gahunda y'amahugurwa
y'abakozi mu rwego rwo guteza imbere
ubushobozi

Article 4: Training plan for capacity building
for public servants

Article 4: Plan des formations dans le cadre de
renforcement des capacités des agents de
l'Etat

Ingingo ya 5: Ibikubiye muri gahunda
y'Igihugu y'amahugurwa

Article 5: Contents of national training plan

Article 5: Contenu d'un plan national de
formation

Ingingo ya 6: Inshingano z'ikigo
cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi
mu nshingano zacyo ku bijyanye no
gucunga uburyo butanga amahugurwa

Article 6: Responsibilities of the national
institution in charge of capacity building in
regard to management of training
opportunities and offers

Article 6: Attributions de l'institution
nationale ayant le développement des
capacités dans ses attributions en ce qui
concerne la gestion des opportunités de
formations et leurs offres

<u>Ingingo ya 7:</u> Gutoranya abakozi ba Leta bagomba kujya mu mahugurwa	<u>Article 7:</u> Selection of public servants to attend training	<u>Article 7:</u> Sélection des agents de l'Etat à participer à une formation
<u>Ingingo ya 8:</u> Ibigenderwaho mu guhitamo abajya mu mahugurwa	<u>Article 8:</u> Selection criteria	<u>Article 8:</u> Critères de sélection
<u>Ingingo ya 9:</u> Kwemererwa kujya mu mahugurwa	<u>Article 9:</u> Approval to attend a training	<u>Article 9:</u> Approbation de participer à une formation
<u>Ingingo ya 10:</u> Amahugurwa y'umukozi ugitangira akazi	<u>Article 10:</u> Induction course	<u>Article 10:</u> Formation préparatoire
<u>Ingingo ya 11:</u> Uruhushya rwo kujya mu mahugurwa	<u>Article 11:</u> Authorisation to attend training	<u>Article 11:</u> Autorisation de participer à une formation
<u>Ingingo ya 12:</u> Amahugurwa atari mu rwego rw'amahugurwa Leta yemerera abayagiyemo gukomeza kuba abakozi bayo	<u>Article 12:</u> Training that is not among trainings during which the Government considers its beneficiaries public servants	<u>Article 12:</u> Formation qui n'est pas dans le cadre des formations pendant lesquelles l'Etat considère ses bénéficiaires comme agents de l'Etat
<u>UMUTWE WA III:</u> INSHINGANO Z'UMUKOZI WA LETA WEMEREREWE KUJYA MU MAHUGURWA	<u>CHAPTER III:</u> OBLIGATIONS OF A PUBLIC SERVANT AUTHORIZED TO ATTEND TRAINING	<u>CHAPITRE III:</u> OBLIGATIONS D'UN AGENT DE L'ETAT AUTORISE A PARTICIPER A UNE FORMATION
<u>Ingingo ya 13:</u> Amasezerano n'uwemerewe amahugurwa	<u>Article 13:</u> Contract with the beneficiary of the training	<u>Article 13:</u> Contrat avec le bénéficiaire de la formation
<u>Ingingo ya 14:</u> Gusubiza amafaranga igihe hatubahirijwe amasezerano y'amahugurwa	<u>Article 14:</u> Reimbursement of training funds in case of non-compliance with the training contract	<u>Article 14:</u> Remboursement des frais de formation en cas de non-respect du contrat de formation
<u>Ingingo ya 15:</u> Gukurikira amahugurwa	<u>Article 15:</u> Participation in training	<u>Article 15:</u> Participation à la formation
<u>Ingingo ya 16:</u> Kugaruka ku kazi	<u>Article 16:</u> Return to work	<u>Article 16:</u> Retour au travail

<u>Ingingo ya 17:</u> Raporo y'amahugurwa	<u>Article 17 :</u> Training report	<u>Article 17:</u> Rapport de formation
<u>UMUTWE WA IV:</u> UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI WA LETA WEMERWE KUJYA MU MAHUGURWA	<u>CHAPTER IV:</u> RIGHTS OF A PUBLIC SERVANT AUTHORIZED TO GO FOR TRAINING	<u>CHAPITRE IV:</u> DROITS D'UN AGENT DE L'ETAT AUTORISE A SUIVRE UNE FORMATION
<u>Ingingo ya 18:</u> Korohereza umukozi wa Leta ghugurwa kandi anakora	<u>Article 18:</u> Facilitation to a public servant in training while working	<u>Article 18:</u> Facilitation d'un agent de l'Etat en formation pendant qu'il travaille
<u>Ingingo ya 19:</u> Ikiruhuko cy'umwaka ku mukozi wa Leta uri mu mahugurwa	<u>Article 19:</u> Annual leave for a public servant in training	<u>Article 19:</u> Congé annuel pour un agent de l'Etat en formation
<u>Ingingo ya 20:</u> Umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi wa Leta uri mu mahugurwa	<u>Articles 20:</u> Salary and other benefits of a public servant on training	<u>Article 20:</u> Salaire et autres avantages accordés à un agent de l'Etat en formation
<u>Ingingo ya 21:</u> Koroherezwa ingendo	<u>Article 21:</u> Transport facilitation	<u>Article 21:</u> Indemnité de transport
<u>Ingingo ya 22:</u> Amafaranga y'itumanaho	<u>Article 22:</u> Communication allowance	<u>Article 22:</u> Frais de communication
<u>UMUTWE WA V:</u> AMAFARANGA Y'AMAHUGURWA	<u>CHAPTER V:</u> FUNDING OF TRAINING	<u>CHAPITRE V:</u> FINANCEMENT DES FORMATIONS
<u>Ingingo ya 23:</u> Itangwa ry'amafaranga y'amahugurwa	<u>Article 23:</u> Financing of training	<u>Article 23:</u> Financement de formation
<u>Ingingo ya 24:</u> Kwishyura amafaranga y'amahugurwa	<u>Article 24:</u> Payment of training funds	<u>Article 24:</u> Payement des frais de formation
<u>Ingingo ya 25:</u> Amafaranga y'ingoboka y'urugendo rw'amahugurwa mu mahanga	<u>Article 25:</u> Incidental allowance for a training conducted abroad	<u>Article 25:</u> Frais des circonstances pour une formation à l'étranger

<u>Ingingo ya 26:</u> Ibarwa ry'amafaranga y'icumbi n'ayo gutunga umukozi wa Leta uri mu mahugurwa mu mahanga	<u>Article 26:</u> Calculation of accommodation and subsistence allowance for a public servant who is in a training abroad	<u>Article 26:</u> Calcul des frais de logement et de subsistance pour un agent de l'Etat en formation à l'étranger
<u>Ingingo ya 27:</u> Amafaranga y'ingoboka ku mahugurwa y'imbere mu Gihugu	<u>Article 27:</u> Incidental allowance on a training inside the Country	<u>Article 27:</u> Frais de circonstances pour les formations à l'intérieur du pays
<u>UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u>
<u>Ingingo ya 28:</u> Amahugurwa agikorwa	<u>Article 28:</u> On-going trainings	<u>Article 28:</u> Formations en cours
<u>Ingingo ya 29:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	<u>Article 29:</u> Authorities responsible for implementation of this Order	<u>Article 29:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<u>Ingingo 30:</u> Ivanwaho ry'Iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 30:</u> Repealing provision	<u>Articles 30:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 31:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa	<u>Article 31 :</u> Commencement	<u>Article 31:</u> Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°151/03 RYO KU WA 10/06/2016
RIGENA UBURYO AMAHUGURWA
Y'ABAKOZI BA LETA AKORWA**

Minisitiri w'Intebe;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga Abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 32;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 003/03 ryo ku wa 16/01/2015 rigena uburyo amahugurwa y'abakozi ba Leta akorwa;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 18/01/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

**PRIME MINISTER'S ORDER N°151/03 OF
10/06/2016 DETERMINING
MODALITIES FOR CONDUCTING
TRAINING OF PUBLIC SERVANTS**

The Prime Minister;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Article 32;

Having reviewed Prime Minister's Order n° 003/03 of 16/01/2015 determining modalities for training for public servants;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 18/01/2016;

HEREBY ORDERS:

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°151/03 DU 10/06/2016 PORTANT
MODALITES DE DEROULEMENT DES
FORMATIONS DES AGENTS DE L'ETAT**

Le Premier Ministre;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 121 et 176;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 32 ;

Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 003/03 du 16/01/2015 portant modalités de déroulement des formations des agents de l'Etat;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 18/01/2016;

ARRETE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena uburyo amahugurwa y'abakozi ba Leta akorwa, imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga.

Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka

Iri teka rireba abakozi ba Leta bose bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta, ndetse n'abagengwa na sitati zihariye, keretse iyo biteganywa ukundi.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° amahugurwa: inyigisho umukozi wa Leta akurikira kugira ngo yongere ubushobozi bwe ku kazi ashinzwe cyangwa ubushobozi bwe muri rusange cyangwa agere ku mpamyabushobozi cyangwa impamyabumenyi yisumbuye ku yo yari afite;
- 2° amahugurwa y'igihe gito: amahugurwa amara igihe kiri muni y'amezi atandatu (6) kandi adatanga impamyabumenyi yo mu rwego rw'amasomo, harimo ashingiye ku myigishirize igenera buri somu umubare w'amasaha uzwi, kongera

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

Article One: Purpose of this Order

This Order determines modalities for conducting training of public servants held inside or outside the country.

Article 2: Scope of application

This Order applies to all public servants governed by the general statutes for public service as well as special statutes unless provided otherwise.

Article 3: Definitions of terms

For the purpose of this Order, the following terms are defined as follows:

- 1° **training:** a course pursued by a public servant to build his/her capacity in relation to his/her current job or capacities in general or to obtain a degree or a certificate superior to that he/she holds;
- 2° **short term training:** training lasting for a period of less than six (6) months and which does not lead to an award of the conventional academic certifications, including credit and

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les modalités de formation des agents de l'Etat, à l'intérieur du pays ou à l'étranger.

Article 2: Champ d'application

Le présent arrêté s'applique à tous les agents de l'Etat régis par le statut général de la fonction publique ainsi que ceux régis par les statuts particuliers s'il n'est pas prévu autrement.

Article 3: Définitions des termes

Aux fins du présent arrêté, les termes ci - après ont les significations suivantes :

- 1° **formation:** des cours de perfectionnement qu'un agent de l'Etat reçoit pour renforcer ses capacités au sein de l'emploi qu'il occupe ou ses capacités en général ou pour obtenir un diplôme ou un certificat supérieur à celui qu'il détient ;
- 2° **formation de courte durée:** formation faite pendant une période de moins de six (6) mois non sanctionnée par un diplôme des études académiques y compris une formation du système de crédits, celle de développement de

ubushobozi cyangwa inyigisho mu cyiciro cyihariye cy'imirimbo;

capacity building based training and sector specialised training;

capacités et une formation sectorielle spécifique;

3° amahugurwa y'igihe kirekire: inyigisho zimara cyangwa zirengeje igihe cy'amezi atandatu (6) kandi zikaba zitanga impamyabumenyi yo mu rwego rw'imyigishirize y'amasomo.

3° **long term training:** training lasting for a period of six (6) months or more leading to an award of the conventional academic certifications.

3° **formation de longue durée:** une formation faite pendant une période égale ou supérieure à six (6) mois sanctionnée par un diplôme des études académiques.

UMUTWE WA II: IMITUNGANYIRIZE Y'AMAHUGURWA

CHAPTER II: ORGANIZATION OF TRAINING

CHAPITRE II: ORGANISATION DES FORMATIONS

Ingingo ya 4: Gahunda y'amahugurwa y'abakozi mu rwego rwo guteza imbere ubushobozi

Article 4: Training plan for capacity building for public servants

Article 4: Plan des formations dans le cadre de renforcement des capacités des agents de l'Etat

Gahunda ya buri rwego rwa Leta y'amahugurwa y'abakozi y'umwaka itegurwa hakurikijwe isuzuma ry'ubumenyi buba bwagaragajwe ko bukenewe, kandi hagendewe kuri gahunda rusange yo guteza imbere ubushobozi.

The annual training plan of public servants of each public institution is prepared in accordance with assessment of training needs as a sub-component of capacity building plan.

Le plan annuel des formations pour les agents de l'Etat de chaque institution publique est préparé suivant l'évaluation des besoins en formation qui fait partie du plan de renforcement des capacités.

Buri rwego rwa Leta ruhuza isuzuma ry'ubumenyi bukenewe, gahunda y'amahugurwa n'iteganyabikorwa ry'umwaka ry'urwego.

Each public institution aligns its training needs assessment and training plan to its annual action plan.

Chaque institution publique met en ligne l'évaluation des besoins en formation et la planification des formations avec son plan d'activités annuel.

Buri rwego rwa Leta rugomba, rubinyujije kuri Minisiteri irureberera, koherereza ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo, gahunda y'urwego y'amahugurwa y'abakozi barwo y'umwaka, nk'igice cya gahunda rusange yo guteza imbere ubushobozi, n'ingengo y'imari yayo,

Each public institution is required, through its supervising Ministry, to submit its annual training plan, as a part of the institutional capacity building plan, and the related budget to the national institution in charge of capacity building not later than 28th February of each fiscal year preceding the year of implementing

Chaque institution publique doit, à travers son Ministère de tutelle, soumettre son plan annuel de formations, en tant que partie du plan de renforcement des capacités, et le budget y relatif auprès de l'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions, au plus tard le 28 février de l'année

Official Gazette n°29bis of 18/07/2016

bitarenze tariki ya 28 Gashyantare ya buri mwaka w'ingengo y'imari ubanziriza uwo amahugurwa ateganyijwemo, rukagera kopi Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo, kugira ngo hategurwe gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umwaka mu nzego z'imirimo ya Leta

Icyakora, urwego rwa Leta rudafite Minisiteri irureberera ruhita rwoherereza ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo gahunda yarwo y'amahugurwa y'abakozi barwo y'umwaka n'ingengo y'imari yayo.

Ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo, gishyikiriza Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umwaka n'ingengo y'imari yayo, kugira ngo ibyemeze.

Ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo kigomba, nyuma y'uko gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umwaka imaze kwemezwa, kumenyesha inzego bireba urutonde rw'abakozi bateganyirizwa kujya mu mahugurwa, igihe ateganywa kuzabera, ibyo bazahugurwamo n'aho bazahugurirwa.

the training, with a copy to the Ministry in charge of public service, to allow preparation of the national annual training plan for public service.

However, a public institution without a supervising Ministry submits its annual training plan and the related budget directly to the national institution in charge of capacity building.

The national institution in charge of capacity building submits the proposed annual national training plan and related budget to the Ministry in charge of finance for approval.

The national institution in charge of capacity building is required, after approval of the national capacity building plan, to communicate to the concerned institutions a list of public servants selected for training, their training periods, programs and venue of training.

budgétaire qui précède celle de l'exécution du plan des formations, avec copie au Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions, afin de préparer le plan national annuel de formation dans la fonction publique.

Toutefois, l'institution publique qui n'a pas de Ministère de tutelle soumet directement son plan annuel de formation et le budget y relatif auprès de l'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions.

L'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions soumet au Ministère ayant les finances dans ses attributions le plan national de formation annuel et le budget y relatif pour approbation.

L'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions doit, après l'adoption du plan national de renforcement des capacités, communiquer aux institutions concernées la liste indiquant les agents de l'Etat retenus pour la formation, les dates de formations, leurs programmes ainsi que le lieu de la formation.

Ingingo ya 5: Ibikubiye muri gahunda y'Igihugu y'amahugurwa

Gahunda y'Igihugu y'amahugurwa y'umwaka igaragaza:

- 1° umubare w'abakozi ba Leta bagomba guhugurwa;
- 2° amahugurwa azakorwa n'impamvu;
- 3° aho amahugurwa azakorerwa;
- 4° ingengo y'imari y'amahugurwa.

Ingingo ya 6: Inshingano z'ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo ku bijyanye no gucunga uburyo butanga amahugurwa

Ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo kigomba, hashingiwe ku buryo bwabonetse bw'amahugurwa bitewe n'amasezerano y'ubufatanye yakozwe n'impande ebyiri cyangwa nyinshi hamwe n'ubundi buryo bwo kubona amahugurwa, kwita ku isuzuma ry'ubushobozi bukenewe, ingamba zo kongerera abakozi ubushobozi hamwe na gahunda y'Igihugu yo kongerera abakozi ubushobozi, kikuzuzanya inshingano zikurikira:

Article 5: Contents of national training plan

The annual national training plan indicates:

- 1° the number of public servants to be trained;
- 2° areas of training and rationale;
- 3° venue of the training;
- 4° allocated budget of the training.

Article 6: Responsibilities of the national institution in charge of capacity building in regard to management of training opportunities and offers

The national institution in charge of capacity development is required, in regard to training opportunities based on bilateral and multilateral agreements and any other training offers, to consider the assessment of the capacity needs, critical skills development policies and strategies, and the national capacity building plan in order to undertake the following responsibilities:

Article 5: Contenu d'un plan national de formation

Le plan national de formation annuel indique :

- 1° le nombre des agents de l'Etat à former;
- 2° la nature des programmes de formation et motif ;
- 3° le lieu de la formation ;
- 4° le budget alloué à la formation.

Article 6: Attributions de l'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions en ce qui concerne la gestion des opportunités de formations et leurs offres

L'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions doit, en ce qui concerne des opportunités de formation basées sur les accords bilatéraux et multilatéraux, et autres possibilités de formation, tenir compte sur l'évaluation des besoins des capacités, les politiques de développement des compétences essentielles, les stratégies et le plan national de renforcement de capacités pour assumer les responsabilités suivantes:

Official Gazette n°29bis of 18/07/2016

- | | | |
|---|--|--|
| <p>1° gushakisha uburyo abakozi bahugurwamo hibandwa cyane ku bigo bihugura byo mu Rwanda cyangwa ibyo mu karere kandi hazirikanwa ubushobozi bukenewe ndetse n'ingango y'amafaranga agenda kuri ayo mahugurwa;</p> | <p>1° to search for possibilities of training public servants with priority to local and regional training providers while taking into consideration training expertise and cost effectiveness for that training;</p> | <p>1° chercher des possibilités de formation en donnant priorité aux instituts de formation locaux et régionaux et en tenant compte de l'expertise en formation et la rentabilité de cette formation;</p> |
| <p>2° ku bufatanye n'ibigo nyarwanda bitanga amahugurwa, gushishikariza ibigo cyangwa impuguke zo mu mahanga kuza gutangira amahugurwa mu Gihugu mu rwego rwo guhugura abakozi ba Leta benshi;</p> | <p>2° in collaboration with local training providers, to attract international organizations or experts to provide trainings in the country in order to benefit many public servants;</p> | <p>2° en collaboration avec les instituts de formation locaux, intéresser des instituts de formation et experts internationaux de venir donner des formations dans le pays au profit de nombreux agents de l'Etat;</p> |
| <p>3° kumenyesha inzego za Leta bireba uburyo bw'amahugurwa bwabonetse kandi buzireba no gukora ku buryo ubwo buryo busaranganywa inzego ku buryo bukwiye;</p> | <p>3° to inform the concerned public institutions of the available and suitable training opportunities and ensure equitable distribution of such opportunities among institutions;</p> | <p>3° informer les instituts concernés des opportunités de formation disponibles et appropriées et assurer une répartition équitable de ces opportunités entre les institutions;</p> |
| <p>4° kwemeza abakozi ba Leta bajya mu mahugurwa hitabwa kuri ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none">a. kugenzura ko abakozi ba Leta bakeneye guhugurwa babisabiwe n'abayobozi babifitiye ububasha mu nzego za Leta zabo;b. kongera gusuzuma akamaro k'amahugurwa hagereranyijwe n'amafaranga azayagendaho; | <p>4° to approve public servants to attend trainings by considering the following :</p> <ul style="list-style-type: none">a. to ensure that public servants to be trained are endorsed by competent authorities in their respective public institutions;b. to re-assess the value for money and cost benefit analysis of the particular training; | <p>4° approuver les agents de l'Etat à participer à une formation en tenant compte de ce qui suit:</p> <ul style="list-style-type: none">a. veiller à ce que les agents de l'Etat à former ont été recommandés par les autorités compétentes dans leurs institutions publiques respectives;b. réévaluer la qualité-prix et avantages de la formation; |

c. kugenzura niba abasabirwa kwemererwa baratoranyijwe hitawe ku bigenderwaho biteganywa n'iri teka.

c. to ensure that selection of public servants complies with the selection criteria provided for by this Order.

c. s'assurer que la sélection a été faite conformément aux critères de sélection prévus par le présent arrêté.

Ingingo ya 7: Gutoranya abakozi ba Leta bagomba kujya mu mahugurwa

Umukozi ushinzwe imicungire y'abakozi mu rwego rwa Leta afatanyije n'Agashami, Ishami cyangwa Urwego umukozi akoramo, bashinzwe gutoranya abakozi bagomba koherezwa mu mahugurwa bagendeye ku bigenderwaho biteganywa mu ngingo ya 8 y'iri teka.

Umukozi ushinzwe imicungire y'abakozi afatanyije n'Agashami, Ishami cyangwa Urwego umukozi akoramo, bagomba gutegura raporo igaragaza abakozi batoranyijwe kujya mu mahugurwa igashyikirizwa ubuyobozi bukuru bw'urwego bireba kugira ngo yemezwe mbere yo kuyishyikiriza umuyobozi ufite ububasha bwo gutange uruhushya rwo kujya mu mahugurwa.

Ingingo ya 8: Ibigenderwaho mu guhitamo abajya mu mahugurwa

Ibigenderwaho mu guhitamo abakozi ba Leta bajya mu mahugurwa ni ibi bikurikira:

Article 7: Selection of public servants to attend training

The human resources manager in a public institution, in collaboration with the concerned unit, division or department are responsible for selecting public servants to attend the training in line with criteria provided for by Article 8 of this Order.

The human resources manager in collaboration with the concerned unit, division or department are required to prepare the report indicating the public servants selected for the training and submit it to the senior management of the concerned institution for approval before submission to the competent authority for authorization to attend training.

Article 8: Selection criteria

The criteria for selection of public servants eligible for training are the following:

Article 7: Sélection des agents de l'Etat à participer à une formation

Le responsable des ressources humaines dans une institution publique en collaboration avec l'unité, division ou département concernés sont responsables de la sélection des agents de l'Etat qui doivent participer à la formation conformément aux critères prévus par l'article 8 du présent arrêté.

Le responsable des ressources humaines en collaboration avec l'unité, division ou département concerné doivent préparer le rapport indiquant les agents de l'Etat retenus pour la formation et le soumettre à la direction supérieure de l'institution concernée pour approbation avant de le soumettre à l'autorité compétente pour l'autorisation de participer à une formation.

Article 8: Critères de sélection

Les critères de sélection des agents de l'Etat admissibles à une formation sont les suivants:

Official Gazette n°29bis of 18/07/2016

- | | | |
|--|---|--|
| 1° amahugurwa agomba kuba yarateganyijwe muri gahunda y'urwego y'amahugurwa; | 1° the training must be provided for in the institutional training plan; | 1° la formation doit être prévue dans le plan institutionnel des formations; |
| 2° amahugurwa agomba kuba arebana n'ubushobozi bukenewe mu butegetsi bwa Leta by'umwihariko mu byiciro by'ubumenyi byihutirwa kurusha ibindi; | 2° the training must be related to required capacities in public service particularly in priority areas; | 2° la formation doit être dans le domaine des capacités dont la fonction publique a besoin et en particulier dans les domaines prioritaires; |
| 3° amahugurwa agomba kuba afitanye isano no kongera ubushobozi bw'umukozi wa Leta mu kazi hakurikijwe imirimo ashinzwe n'ibisabwa ku mwanya arimo; | 3° the training must be related to building professional capacities of a public servant in conformity with the tasks and requirements of the post currently occupied; | 3° la formation doit être en relation avec le développement de capacités professionnelles de l'agent de l'Etat par rapport aux tâches et aux exigences du poste actuellement occupé; |
| 4° umukozi wa Leta agomba kuba yerekana icyizere mu kuzamuka no gutera imbere mu mirimo akora ku buryo buzagirira inyungu zifatika urwego akorera mu gihe kizaza; | 4° a public servant is required to demonstrate potential career development leading to tangible future institutional benefits; | 4° un agent de l'Etat doit montrer une potentialité de développement de carrière conduisant à des avantages tangibles futurs de l'institution; |
| 5° igihe ari amahugurwa yo mu mahanga, agomba kubanza gukorerwa ubushishozi, hakarebwa niba ayo mahugurwa atakorerwa imbere mu Gihugu, kujya mu mahanga bikaba igihe amahugurwa ari mu bijyanye n'ubumenyi budafitiwe abahanga mu Rwanda, cyangwa ibijyanye n'amasomo adatangirwa mu Rwanda cyangwa mu karere; | 5° in case of training abroad, the training has to be explored first to verify whether it may not be conducted within the country, and going abroad is considered in case the training requires skills not available in Rwanda, or when highly specialized skills and advanced degrees cannot be provided in Rwanda or in the region; | 5° en cas de formation à l'étranger, la formation doit être examinée pour vérifier qu'elle ne peut pas être conduite à l'intérieur du pays, et la formation à l'étranger étant applicable seulement en cas des connaissances non disponibles au Rwanda ou des connaissances très spécialisées et des diplômes qui ne peuvent pas être obtenus au Rwanda ou dans la région; |
| 6° gukora ku buryo hasaranganywa neza amahirwe yo guhugurwa hashingiwe | 6° to ensure equitable distribution of training opportunities on the basis of | 6° assurer une répartition équitable des opportunités en rapport avec les |

Official Gazette n°29bis of 18/07/2016

ku bushobozi bukenewe mu rwego rwa Leta bireba kandi hirindwa ko amahirwe yo guhugurwa ahora ahabwa umukozi umwe;

7° umukozi wa Leta agomba kuba yararangije igihe cy'igeragezwa;

8° mu gihe hagaragaye abakandida barenze umwe babereye amahugurwa, bitewe n'uburyo ubushobozi bukenewe, umukozi ugaragaza imikorere myiza kurusha abandi ni we utoranywa.

skills required within the concerned public institution and avoiding to regularly giving training opportunities only to the same public servant;

7° a public servant is required to have completed a probation period;

8° where there is more than one candidates suitable for the training and basing on the required skills, a public servant who demonstrates the best performance is selected for the training.

capacités requises au sein d'une institution publique et éviter la récurrence d'une seule personne à participer aux formations ;

7° un agent de l'Etat est tenu d'avoir accompli le stage probatoire;

8° lorsqu'il y a plus d'un candidat nécessitant la formation sur base des compétences requises, la préférence est accordée à l'agent de l'Etat qui prouve une meilleure performance.

Icyakora, ibigenderwaho bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibireba amahugurwa y'igihe gito abera imbere mu Gihugu ategurwa n'inzego za Leta hagamijwe kunoza imikorere yazo no kuzuzanya inshingano zazo.

Ingingo ya 9: Kwemererwa kujya mu mahugurwa

Ubuyobozi bw'urwego rwa Leta, ikigo cy'Igihugu gifite iterambere ry'ubushobozi mu nshingano zacyo n'umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga uruhushya rw'amahugurwa, bashobora kwemerera cyangwa kutemerera umukozi wa Leta kujya mu mahugurwa hashingiwe ku isuzuma ryimbitse ry'ibigenderwaho biteganywa muri iri teka.

However, the criteria provided for in Paragraph One of this Article do not apply to short term training organized by public institutions and held inside the country with the purpose of improving their collaboration and to fulfil their mandates.

Article 9: Approval to attend a training

The senior management of the public institution, the national institution in charge of capacity building and the competent authority to authorize training, may allow or reject a public servant's application for training basing on thorough review and assessment of the criteria provided for in this Order.

Toutefois, les critères prévus au premier alinéa du présent article ne s'appliquent pas aux formations de courte durée organisées par des institutions publiques et qui se tiennent à l'intérieur du pays dans le cadre de leur collaboration et la mise en œuvre de leurs missions.

Article 9: Approbation de participer à une formation

La direction supérieure de l'institution publique, l'institution nationale ayant le développement des capacités dans ses attributions et l'autorité compétente pour autoriser la formation peuvent approuver ou refuser à l'agent de l'Etat l'autorisation de suivre la formation sur base de l'analyse approfondie faite conformément aux critères prévus par le présent arrêté.

Ingingo ya 10: Amahugurwa y'umukozi ugitangira akazi

Umukozi wa Leta ushyizwe mu mwanya mu butegetsi bwa Leta agenerwa amahugurwa yo kumumenyereza akazi gashya n'imikorere y'inzego za Leta muri rusange.

Buri rwego rwa Leta rugomba gukora ku buryo abakozi bashya babona amahugurwa yo kwimenyereza akazi gashya bashinzwe.

Ingingo ya 11: Uruhushya rwo kujya mu mahugurwa

Umukozi wa Leta wemerewe kujya mu mahugurwa y'igihe gito imbere mu Gihugu, mbere yo kugenda ahabwa uruhushya n'Umuyobozi w'Urwego akorera, cyangwa undi muyobozi yabihereye ububasha.

Umukozi wa Leta wemerewe kujya mu mahugurwa mu mahanga ariko ayo mahugurwa akaba adatangira impamyabumenyi yo mu rwego rw'amasomo, ahabwa uruhushya mbere y'uko agenda na Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze, abisabiwe n'urwego akorera kandi binyujijwe kuri Minisitiri ireberera urwego.

Umukozi wa Leta wemerewe kujya mu mahugurwa imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga kandi ayo mahugurwa akaba atanga

Article 10: Induction course

A public servant who is appointed on a post in public service benefits from an induction course enabling him/her to be familiar with his/her job and with public service functioning in general.

Every public institution must ensure that induction courses are provided to new public servants.

Article 11: Authorisation to attend training

A public servant who is admitted for a short term training inside the country is required, before departure, to obtain authorization for the training from the head of his/her institution or any other delegated authority.

A public servant who is selected for training abroad which does not result into academic certification is required, before departure, to obtain authorization for the training from the Minister in charge of public service, upon request by his/her employing institution and through the line Ministry.

A public servant who is selected for training which results into an academic certification inside the country or abroad, is required to,

Article 10: Formation préparatoire

L'agent de l'Etat nommé à un poste dans la fonction publique reçoit une formation préparatoire lui permettant de se familiariser avec son travail et le fonctionnement de l'administration publique en général.

Chaque institution publique doit s'assurer que les nouveaux agents ont reçu une formation préparatoire.

Article 11: Autorisation de participer à une formation

L'agent de l'Etat retenu pour une formation de courte durée à l'intérieur du pays doit, avant son départ, avoir une autorisation lui délivrée par le dirigeant de son institution ou un autre dirigeant qui en a la délégation.

Un agent de l'Etat retenu pour une formation à l'extérieur du pays qui n'est pas sanctionnée par un certificat académique doit, avant son départ, obtenir une autorisation lui délivrée par le Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions sur demande de son institution de travail et à travers le Ministère de tutelle.

Un agent de l'Etat retenu pour une formation à l'intérieur ou à l'extérieur du pays sanctionnée par un certificat académique doit, avant son

impamyabumenyi yo mu rwego rw'amasomo, agomba, mbere y'uko agenda, gusabirwa uruhushya n'Urwego akoramo binyujijwe kuri Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze, uruhushya rugatangwa na Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze.

Umukozi wa Leta ugiye mu mahugurwa nta ruhushya ahawe afatwa nk'uwataye akazi, kandi abihanirwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 12: Amahugurwa atari mu rwego rw'amahugurwa Leta yemerera abayagiyemo gukomeza kuba abakozi bayo

Amaze kubitangira ibimeneyetso, umukozi wa Leta ashobora gusaba uruhushya rwihariye rwo guhagarika akazi mu gihe kitazwi kugira ngo ajye mu mahugurwa y'igihe kirekire atari mu rwego rw'amahugurwa Leta yemerera abayagiyemo gukomeza kuba abakozi bayo.

Umwanya w'umukozi wa Leta wasabye kandi agahabwa uruhushya rwihariye ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ushakirwa undi mukozi hakurikijwe uburyo busanzwe nk'uko amategeko abigenga.

Nyuma y'amahugurwa, umukozi wa Leta wahawe uruhushya rwihariye rwo kujya mu mahugurwa aba afite uburenganzira bwo

before departure and upon request by his/her employing institution, obtain authorization for the training from the Minister in charge of public service and through the Minister in charge of education.

A public servant who goes for training without authorization is considered to have absconded from work and is sanctioned in accordance with relevant laws.

Article 12: Training that is not among trainings during which the Government considers its beneficiaries public servants

A public servant may, upon presentation of proof, request for special authorization-for leave of absence in order to attend a long term training that is not among trainings during which the Government considers its beneficiaries public servants.

A public servant who requested for and granted with the special authorization referred to in Paragraph One of this Article ceases to be considered as a public servant and his/her post is filled through normal recruitment procedures as provided for by relevant laws.

A public servant who is issued with the special authorization for training is, upon completion of the training, entitled to the right of applying for

départ, et sur demande de son institution de travail et à travers le Ministre ayant l'éducation dans ses attributions, obtenir une autorisation de formation lui délivrée par le Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions.

Un agent de l'Etat qui part en formation sans autorisation, est considéré comme ayant abandonné le service et est sanctionné conformément aux lois en la matière.

Article 12: Formation qui n'est pas dans le cadre des formations pendant lesquelles l'Etat considère ses bénéficiaires comme agents de l'Etat

Un agent de l'Etat peut, sur présentation des pièces justificatives, demander une autorisation spéciale de la mise en disponibilité pour participer à la formation de longue durée mais qui n'est pas dans le cadre des formations pendant lesquelles l'Etat considère ses bénéficiaires comme agents de l'Etat.

Un agent de l'Etat qui a demandé et trouvé une autorisation spéciale mentionnée à l'alinéa premier du présent article perd sa qualité d'agent de l'Etat et son poste est complété conformément aux modalités de recrutement prévues par les lois en la matière.

Après la formation, l'agent de l'Etat qui avait reçu l'autorisation spéciale de formation a droit de chercher un emploi dans la fonction publique

gushaka akazi binyuze mu buryo bwo gushaka no guhabwa akazi buteganywa n'amategeko abigenga.

UMUTWE WA III: INSHINGANO Z'UMUKOZI WA LETA WEMERewe KUJYA MU MAHUGURWA

Ingingo ya 13: Amasezerano n'uwemerewe amahugurwa

Umukozi wa Leta wemerewe amahugurwa mu mahanga cyangwa imbere mu Gihugu hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka, agomba kugirana amasezerano n'urwego rwa Leta akorera. Ayo masezerano agaragaza ko umukozi agomba kugaruka nyuma y'amahugurwa agakorera urwego yakoreraga mbere yo kujya mu mahugurwa, igihe kidashobora kujya muni ya:

- 1° umwaka umwe (1), niba umukozi wa Leta yarabonye amahugurwa y'igihe kigera ku mezi atatu (3) ariko kitarengeje amezi atandatu (6);
- 2° imyaka ibiri (2), niba umukozi wa Leta yarabonye amahugurwa y'igihe kirenze amezi atandatu (6) ariko kitarengeje amezi cumi n'abiri (12);
- 3° imyaka itatu (3), niba umukozi wa Leta yarabonye amahugurwa y'igihe kirenze amezi cumi n'abiri (12) ariko kitarengeje amezi makumyabiri n'ane (24);

a job in public service in accordance with relevant laws.

CHAPTER III: OBLIGATIONS OF A PUBLIC SERVANT AUTHORIZED TO ATTEND TRAINING

Article 13: Contract with the beneficiary of the training

A public servant who is authorized to attend training inside or outside the country in accordance with provisions of this Order is required to sign a contract with the employing public institution. The contract specifies that after training, the public servant is required to come back and work for the institution he/she was working for before the training for a minimum period of:

- 1° one (1) year if the public servant benefited from the training for a period that lasted for three (3) months but not more than six (6) months;
- 2° two (2) years if the public servant benefited from the training for a period that exceeds six (6) months but not more than twelve (12) months;
- 3° three (3) years if the public servant benefited from the training that lasted for a period that is above twelve (12) months but not more than twenty four (24) months;

conformément aux modalités de recrutement prévues par les lois en la matière.

CHAPITRE III: OBLIGATIONS D'UN AGENT DE L'ETAT AUTORISE A PARTICIPER A UNE FORMATION

Article 13: Contrat avec le bénéficiaire de la formation

Un agent de l'Etat autorisé à participer à une formation à l'étranger ou à l'intérieur du pays conformément aux dispositions du présent arrêté doit signer le contrat avec l'institution qui l'emploie. Ce contrat spécifie qu'après la formation, l'agent de l'Etat doit retourner et rester au service de l'institution qui l'employait pendant une période minimale de:

- 1° une (1) année si l'agent de l'Etat a bénéficié d'une formation d'une période qui a duré trois (3) mois mais n'excédant pas six (6) mois;
- 2° deux (2) ans si l'agent de l'Etat a bénéficié d'une formation d'une période supérieure à six (6) mois mais n'excédant pas douze (12) mois;
- 3° trois (3) ans si l'agent de l'Etat a bénéficié d'une formation d'une période supérieure à douze (12) mois mais n'excédant pas vingt-quatre (24) mois;

Official Gazette n°29bis of 18/07/2016

4° imyaka itanu (5) niba umukozi wa Leta yarabonye amahugurwa y'igihe kirenze amezi makumyabiri n'ane (24).

Umukozi wa Leta wemerewe gukurikirana ayandi mahugurwa kandi atararangiza gukorera urwego igihe cyemeranyijweho mu masezerano agomba gusinya andi masezerano agaragaza ikindi gihe cy'inyongera azakorera urwo rwego rumukoresha kubera ayo mahugurwa yandi yemerewe.

Urwego umukozi akorera rugomba kubika kopi y'amasezerano y'amahugurwa muri dosiye y'umukozi bireba.

Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze ashobora, hitawe ku mwihariko w'ubumenyi bukenewe mu rwego runaka, abisabwe kandi na Minisitiri bireba, gushyiraho amabwiriza yo kongera igihe kivugwa muri iyi ngingo.

Amabwiriza ya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze agena imiterere y'amasezerano asinywa hagati y'urwego rwa Leta n'umukozi wa Leta woherejwe mu mahugurwa.

Ingingo ya 14: Gusubiza amafaranga igihe hatubahirijwe amasezerano y'amahugurwa

Umukozi wa Leta utubahirije amasezerano y'amahugurwa ntakorere urwego

4° five (5) years if the public servant benefited from a training that lasted for a period that is above twenty-four (24) months.

A public servant who is authorized to pursue another training before completion of the agreed period to serve the institution is required to sign another contract specifying additional period the public servant will serve the employing institution upon completion of the training.

The employing institution is required to keep a copy of the training contract in the file of the concerned public servant.

The Minister in charge of public service may, depending on skills needed within a specific sector, and upon request by the concerned Ministry, extend the period mentioned in this Article.

Instructions of the Minister in charge of public service establish a model of the contract to be signed by the employing institution and a public servant sent on training.

Article 14: Reimbursement of training funds in case of non-compliance with the training contract

A public servant who does not comply with the training contract and who does not serve the

4° cinq (5) ans si l'agent de l'Etat a bénéficié d'une formation d'une période supérieure à vingt-quatre (24) mois.

Un agent de l'Etat autorisé à poursuivre une autre formation avant la fin de la période convenue pour servir l'institution est tenu de signer un autre contrat spécifiant la période additionnelle pendant laquelle il va servir cette institution après la fin de la formation.

L'institution de travail doit garder une copie du contrat de formation dans le dossier de l'agent de l'Etat concerné.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 25/05/2016.

Official Gazette n°29bis of 18/07/2016

Kigali, ku wa **05/07/2016**

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)

UWIZEYE Judith
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **05/07/2016**

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)

UWIZEYE Judith
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **05/07/2016**

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)

UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°177/03 RYO KU WA 05/07/2016 RYEMERERA UMUYOBOZI W'ISHAMI GUHAGARIKA AKAZI MU GIHE KITAZWI
PRIME MINISTER'S ORDER N°177/03 OF 05/07/2016 GRANTING A LEAVE OF ABSENCE FOR NON SPECIFIC PERIOD TO A DIRECTOR OF UNIT
ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°177/03 DU 05/07/2016 PORTANT MISE EN DISPONIBILITE POUR UNE DUREE INDETERMINEE UN DIRECTEUR D'UNITE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Guhagarika akazi mu gihe kitazwi

Article One: Leave of absence for non-specific period

Article premier: Mise en disponibilité pour une durée indéterminée

Ingingo 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°177/03 RYO KU WA 05/07/2016 RYEMERERA UMUYOBOZI W'ISHAMI GUHAGARIKA AKAZI MU GIHE KITAZWI **PRIME MINISTER'S ORDER N°177/03 OF 05/07/2016 GRANTING A LEAVE OF ABSENCE FOR NON SPECIFIC PERIOD TO A DIRECTOR OF UNIT** **ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°177/03 DU 05/07/2016 PORTANT MISE EN DISPONIBILITE POUR UNE DUREE INDETERMINEE UN DIRECTEUR D'UNITE**

Minisitiri w'Intebe;

The Prime Minister;

Le Premier Ministre ;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 119,iya 120,iya 122 n'ya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119,120,122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119,120,122 et 176;

Dushingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 87 n'ya 88;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service especially, in Articles 87 and 88;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 87 et 88;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

Upon proposal by the Minister of Public Service and Labour;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 25/05/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 25/05/2016;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 25/05/2016;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Guhagarika akazi mu gihe kitazwi

Article One: Leave of absence for non-specific period

Article premier: Mise en disponibilité pour une durée indéterminée

Dr. KIMENYI Peter, Umuyobozi w'Ikigo cyo mu Karere gishinzwe Gutanga Amaraso/Kigali mu Kigo gishinzwe Ubuzima mu Rwanda (RBC) yemerewe guhagarika akazi mu gihe kitazwi.

Dr. KIMENYI Peter, Director at Regional Center for Blood Transfusion/Kigali in Rwanda Biomedical Center (RBC) is granted a leave of absence for non-specific period.

Dr. KIMENYI Peter, Directeur du Centre Régional de Transfusion Sanguine/Kigali au sein du Centre Biomédical au Rwanda (RBC) est accordé une mise en disponibilité pour une durée indéterminée.

Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ubuzima na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera ku wa 25/05/2016.

Kigali, ku wa **05/07/2016**

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Health and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 4: Commencement

This Order comes into force on the date of its signature. It takes effect as of 25/05/2016.

Kigali, on **05/07/2016**

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de la Santé, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 4: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 25/05/2016.

Kigali, le **05/07/2016**

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)

UWIZEYE Judith
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

(sé)

UWIZEYE Judith
Minister of Public Service and Labour

(sé)

UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°178/03 RYO KU WA 05/07/2016 RYEMERERA UMUKOZI WO KU RWEGO RW'UBUYOBOZI MURI MINISITERI GUSEZERA BURUNDU KU KAZI

PRIME MINISTER'S ORDER N°178/03 OF 05/07/2016 GRANTING A DELIBERATE RESIGNATION TO A SENIOR OFFICAL IN A MINISTRY

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°178/03 DU 05/07/2016 PORTANT DEMISSION VOLONTAIRE D'UN HAUT CADRE DU MINISTERE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Gusezera burundu ku kazi

Article One: Deliberate resignation

Article premier: Démission volontaire

Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°178/03 RYO KU WA 05/07/2016 RYEMERERA UMUKOZI MUKURU MURI MINISITERI GUSEZERA BURUNDU KU KAZI

PRIME MINISTER'S ORDER N°178/03 OF 05/07/2016 GRANTING A DELIBERATE RESIGNATION TO A SENIOR OFFICIAL IN A MINISTRY

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°178/03 DU 05/07/2016 PORTANT DEMISSION VOLONTAIRE D'UN CADRE DU MINISTERE

Minisitiriw'Intebe;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo cyane cyane mu ngingo zaryo iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 90, iya 91 n'iya 92;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 25/05/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere: Gusezera ku kazi

Madamu KAGULIRO MULERWA Olivia, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Ubutabera Mpuzamahanga n'Ubufatanye mu

The Prime Minister;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119,120,122 and 176;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Articles 90, 91 and 92;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 25/05/2016;

HEREBY ORDERS:

Article One: Deliberate resignation

Ms. KAGULIRO MULERWA Olivia, International Justice and Judicial Cooperation Division Manager in the Ministry of Justice is granted a deliberate resignation.

Le Premier Ministre ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119,120,122 et 176;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 90, 91 et 92;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 25/05/2016;

ARRETE:

Article premier: Démission volontaire

La démission volontaire de Madame KAGULIRO MULERWA Olivia, Directrice de la Division chargée de la Justice Internationale

by'Amategeko muri Minisiteri y'Ubutabera yemerewe gusezera burundu ku kazi.

Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Ubutabera na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinze gushyira mu bikorwa iri teka.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera ku wa 25/05/2016.

Kigali, ku wa **05/07/2016**

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Justice and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 4: Commencement

This Order comes into force on the date of its signature. It takes effect as of 25/05/2016.

Kigali, on **05/07/2016**

et la coopération Judiciaire au Ministère de la Justice est acceptée.

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de la Justice et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 4: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 25/05/2016.

Kigali, le **05/07/2016**

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)

UWIZEYE Judith
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)

UWIZEYE Judith
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)

UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°179/03 PRIME MINISTER'S ORDER N°179/03 OF ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°179/03
RYO KU WA 05/07/2016 RYIRUKANA 05/07/2016 DISMISSING A DIRECTOR OF DU 05/07/2016 PORTANT REVOCATION
BURUNDU UMUYOBOZI W'ISHAMI UNIT D'UN DIRECTEUR D'UNITE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Kwirukanwa burundu ku kazi **Article One: Dismissal**

Article premier: Révocation

Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka **Article 2: Authorities responsible for implementation of this Order**

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka **Article 3: Repealing provision**

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa **Article 4: Commencement**

Article 4 : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°179/03 RYO KU WA 05/07/2016 RYIRUKANA BURUNDU UMUYOBOZI W'ISHAMI **PRIME MINISTER'S ORDER N°179/03 OF 05/07/2016 DISMISSING A DIRECTOR OF UNIT** **ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°179/03 DU 05/07/2016 PORTANT REVOCATION D'UN DIRECTEUR D'UNITE**

Minisitiri w'Intebe;

The Prime Minister;

Le Premier Ministre ;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'ya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 86 n'ya 98;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Articles 86 and 98;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 86 et 98;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku Bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi mu ngingo yaryo ya 14;

Pursuant to Presidential Order n° 65/01 of 04/03/2014 determining modalities of imposing disciplinary sanctions to Public Servants in Article 14;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 65/01 du 04/03/2014 portant modalités d'application du régime disciplinaire aux Agents de l'Etat en son article 14;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

Upon proposal by the Minister of Public Service and Labour;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 25/05/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 25/05/2016;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 25/05/2016;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Kwirukanwa burundu ku kazi

Bwana HABIMANA Jean Willy, wari Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Amasomo mu Ishuri Rikuru ryigisha Imyuga ry'Iburasirazuba (IPRC-East) yirukanwe burundu ku kazi kubera ikosa ryo guta akazi.

Article One: Dismissal

Mr HABIMANA Jean Willy, Director of Academic Services in the Integrated Polytechnic Regional Center (IPRC-East) is hereby dismissed from Public Service due to serious fault of desertion.

Article premier: Révocation

Monsieur HABIMANA Jean Willy, Directeur des Services Académiques aux Centres Régionaux Polytechniques Intégrés (IPRC-East) est révoqué de la Fonction Publique en raison de la faute lourde de désertion.

Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Uburezi na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Article 2: Authorities responsible for implementation of this Order

The Minister of Public Service and Labour, the Minister of Education and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail, le Ministre de l'Education et le Ministre de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera ku wa 31/12/2015.

Article 4: Commencement

This Order comes into force on the date of its signature. It takes effect as of 31/12/2015.

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 31/12/2015.

Kigali, ku wa **05/07/2016**

Kigali, on **05/07/2016**

Kigali, le **05/07/2016**

(sé)

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)

UWIZEYE Judith
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)

UWIZEYE Judith
Minister of Public Service and Labour

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

(sé)

UWIZEYE Judith
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

AMABWIRIZA Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI N° 002/2015 YO KU WA 03/05/2015 AGAMIJE GUKUMIRA UBUCURUZI BW'IBINTU BUTEMEWE AKANAGENGA IMITERERE N'IMIKORERE Y'AMASOKO ACIRIRITSE AFASHIRIZWAMO ABAFITE IGISHORO N'UBUSHOBOZI BUCYE (FREE MARKETS) MU MUJYI WA KIGALI

Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali:

Ishingiye ku Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, cyane mu ngingo ya 39, 40;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga N°04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda, cyane mu ngingo ya 49;

Ishingiye N°36/2012 ryo kuwa 21/09/2012 Itegeko rigenga ihiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi cyane mu ngingo ya 37, 41 iteganya ko igikorwa cyose kinyuranyije n'imigenzereze mu bucuruzi cyatuma ugurisha abangamira inyungu z'umuguzi cyangwa abandi bagurisha kibujijwe;

Ishingiye ku Iteka rya Minisitiri N°02/09/MINICOM ryo ku wa 08/05/2009 ryerekeye Ubucuruzi bukorwa n'abantu badafite ubushobozi buhagije mu ngingo ya 3;

Ishingiye ku mabwiriza N°1/11 yo ku wa 23/10/2011 Amabwiriza y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yerekeye isuku mu Mujyi wa Kigali;

Ishingiye kuri politiki y'Igihugu igenga umurimo cyane cyane ku ngamba zigamije guhanga no guteza imirimo y'urubyiruko, abari n'abategarugori;

Ishingiye kuri politiki y'Igihugu y'umutekano;

Nyuma yo kubona ko hari ikibazo cy'umubare munini w'abantu usanga bagendana ibicuruzwa mu Mujyi wa Kigali rwagati, cyane cyane mu mihanda, imbere y'amasoko, imbere y'amaduka, ahategerwa imodoka n'imbere yaho, bikabangamira abacuruza mu buryo bwemewe n'amategeko, bikabangamira kandi urujya n'uruza rw'abagenzi n'ibinyabiziga mu mihanda, ndetse bigateza isuku nke no kugurisha ibintu bidagifite ubwiza kubera izuba n'umuyaga n'isuku nke, bamwe bakabasha ndetse no kugurisha ibintu bifite inenge kubera ko ababigura nta mwanya baba bafite wo kugenzura neza ibyo bicuruzwa bigendanwa;

Imaze kubona ko ari ngombwa gushakira abasanzwe bakora ubwo bucuruzi ahandi babukorera hatagize icyo hatabangamye mu rwego rw'amategeko, ibidukikije no ku rujya n'uruza rw'abagenzi n'ibinyabiziga; Ko ari ngombwa kandi gukumira iyaduka rishya ry'ubwo bucuruzi mu Mujyi wa Kigali;

Imaze gusesengura no kwiga kuri icyo kibazo mu nama yayo yo ku wa 03/05/2015;

Ishyizeho amabwiriza agomba gukurikizwa mu Mujyi wa Kigali, akurikira:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya 1: icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije muri rusange uburyo bwo gushyiraho amasoko yo mu afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bw'ibintu mu muhanda (free markets) mu Mujyi wa Kigali n'uburyo bwo gufasha abacuruzi mu kajagari kubona aho bakorerwa hemewe; kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu, kubungabunga ibidukikije no guteza imbere isuku.

Agamije kandi by'umwihariko:

- Guteza imbere imibereho myiza y'abatuye Umujyi wa Kigali;
- Gufasha abatuye Umujyi wa Kigali kugera ku iterambere rirambye rishingiye ku bucuruzi bwemewe;
- Guca ubucuruzi bwo mu muhanda mu Mujyi wa Kigali;
- Gufasha abafite amikoro make kwihangira umurimo;
- Gushimangira umuco wo kugira isuku;
- Gutuma Umujyi wa Kigali ukomeza kugira imihanda itekanye.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amwe mu magambo akoreshwa muri aya mabwiriza

Amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets): Ni amasoko ashyizweho mu rwego rwo gufasha abacuruzi badafite amikoro ahagije n'igishoro kubona aho gukorera hubahirije amategeko agenga ubucuruzi no kubongerera ubushobozi.

Ubucuruzi: Ni igikorwa cy'umuntu wese ukora ibikorwa by'ubucuruzi, byanditswe hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko harimo kugura, kugurisha, cyangwa se ikindi gikorwa icyo aricyo cyose mu buryo buhoraho cyangwa budahoraho gikorwa hagamijwe kubona inyungu;

Ubucuruzi bwo mu muhanda : Ni ubucuruzi bwose bukorwa n'umuntu utarabwandikishije mu gitabo cy'Ubucuruzi, bukorerwa ahatemewe, bukorerwa ahantu habangamiye umutekano n'umudendezo rusange;

Gahunda ya Girubucuruzi: Ni gahunda y'Umujyi wa Kigali yo kuremera igishoro abacuruzi bato bigaragara ko baramutse bongerewe amikoro batera imbere mu bucuruzi bakora.

UMUTWE WA II: INGINGO ZIHARIYE

Ingingo ya 3: Imiterere y'amasoko afashirizwamo abatishoboye baterwa inkunga

Amasoko afashirizwamo abatishoboye (free markets), agomba kujya ahantu hakorerwa ubucuruzi kandi hahurira abantu benshi.

Amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bw'akajagari (free markets) agomba kuba hafi y'ahakorerwaga ubucuruzi bwo mu muhanda, kugira ngo yegere ahantu bakoreraga muri ako gace, aya masoko agomba kubakwa mu bice bigenewe ubucuruzi nk'uko biteganywa n'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali (Master Plan).

Ingingo ya 4: Abagenerwabikorwa bashyirwa mu masoko bafashirizwamo (free markets)

Amasoko bafashirizwamo abatishoboye (free markets) agomba kujyamo abantu bose bagaragaweho ubucuruzi bw'akajagari bukorerwa mu nzira, mu mihanda, imbere y'amasoko manini n'ahandi hose hatemewe;

Ashobora gushyirwamo kandi abandi bantu batishoboye bari mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri by'ubudehe bifuzwa guterwa inkunga yo kwivana mu bukene, uzwi n'inzego z'ibanze kandi akaba atuye mu Mujyi wa Kigali, mu buryo burambye.

Ingingo ya 5: Umubare w'abantu bakorera mu isoko rimwe (free markets)

Abantu bakorera mu isoko rimwe rifashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets) bagomba kutajya hasi y'abantu mironko itatu (30).

Ingingo ya 6: Ibigomba gucururizwa muri beme aya masoko (free markets)

Mu masoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda hagomba gucururizwamo ibicuruzwa bikurikira:

- Imbutu
- Imboga
- Amata
- Imyenda
- Inkweto

Uturere dushobora kuvugurura urutonde rw'ibicururizwa mu masoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda igihe bibaye ngombwa.

Ingingo ya 7: Imisoro yakwa abakorera muri aya masoko.

Bitewe n'uko abazakoresha amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets) mu Mujyi wa Kigali, bafite ubushobozi butabemerera kwishyura imisoro, Uturere tugize Umujyi wa Kigali tuzajya tubasonera imisoro n'amahoro mu gihe cy'umwaka umwe, mu rwego rwo kubafasha kwigira.

Ingingo ya 8: Itangwa n'iyishyurwa ry'inguzanyo y'igishoro ku batishoboye baterwa inkunga mu bucuruzi (free markets).

Uburyo inguzanyo y'igishoro itangwa, uko yishyurwa na gahunda ya Girubucuruzi yashyizweho n'Umujyi wa Kigali ikurikizwa mu buryo bukurikira:

- Umugenerwabikorwa uterwa inkunga mu bucuruzi, ugenerwa inguzanyo y'igishoro ni uwemera kwibumbira hamwe n'abandi muri Koperative izwi kandi yemewe n'amategeko;
- Umugenerwabikorwa uterwa inkunga mu bucuruzi (free markets) agomba kugirana amasezerano n'itsinda cyangwa koperative abarizwamo, ibi bikaba byafasha mu gihe bibaye ngombwa ko habaho kwishingirana;
- Umugenerwabikorwa uri muri gahunda y'amasoko afashirizwamo aba bucuruzi, asabwa kugirana amasezerano n'Umurenge SACCO mu rwego rwo kunoza gahunda yo kwishyura inguzanyo yahawe;

- Umurenge SACCO ufite inshingano zo gutanga serivisi zinoze kandi zihariye ku bagenerwabikorwa zirimo ibijyane no kuzigama no gucunga inguzanyo;
- Abagenerwabikorwa b'amasoko afashirizwamo aba bacuruzi, bahabwa inguzanyo itarenze ibihumbi magana abiri (200,000 frw) kuri buri muntu uri muri koperative;
- Abagenerwabikorwa bahawe inguzanyo batangira kwishyura nyuma y'amezi abiri (2) batangiye gukora ubucuruzi;
- Inyungu ku nguzanyo bahabwa ingana na 5% y'inguzanyo yatanzwe;
- Inyungu ya 5% itangwa n'uwahawe inguzanyo igenewe Umurenge SACCO kubera serivisi uba watanze ku bijyanye no gucunga imishinga n'inguzanyo ku bagenerwabikorwa;
- Mu gihe habaye kutishyura inguzano yatanzwe, koperative ibarizwamo umugenerwabikorwa wanze kwishyura ni yo igomba kumwishingira no kuriha iyo nguzanyo;
- Inguzanyo yishyurwe izakomeza kwifashishwa mu gufasha abandi bakeneye gufashwa kwiyubaka, ishobora kandi kongerwa abari bayihawe igihe bigaragaye ko bayikoresha neza kandi bakiyikeneye mu rwego rwo kwagura ubucuruzi bwabo;

Ingingo ya 9: Uburyo bwo gutoranya abagenerwabikorwa ba gahunda yo kwisuganyiriza mu masoko (free markets)

Urutonde rw'abagenerwabikorwa rukorwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali afatanyije n'Abayobozi b'Imidugudu bireba, rukemezwa ku rwego rw'Umurenge na komite igizwe na :

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge;
Umukozi ushinze Imibereho Myiza;
Abashinzwe umutekano ku rwego rw'umurenge;
Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umurenge;
Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Umurenge;
Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga ku rwego rw'Umurenge.

Ingingo ya 10: Ibishingirwaho mu gutoranya abagenerwabikorwa

- Kuba ari umunyarwanda;
- Kuba ari mu cyiciro cya mbere cyangwa icya kabiri cy'ubudehe;
- Kuba afite aho abarizwa hazwi mu Mujyi wa Kigali;
- Kuba ari inyangamugayo byemezwa n'urwego rw'umudugudu atuyemo;
- Kuba afite imyaka y'ubukure imwemerera gukora ubucuruzi;
- Kuba yemera gukorera muri koperative.

Ingingo ya 11: Inshingano ku bagenerwabikorwa b'amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets)

- Gukorera ubucuruzi bwe mu masoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets);
- Gukurikiza amabwiriza agenga amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets);
- Kwirinda gusubira mu bucuruzi butemewe;

- Gukorera muri koperative no kubahiriza amategeko ngengamikorere yayo;
- Kugira ikarita cyangwa icyangombwa kigaragaza ko ari umugenerwabikorwa wa gahunda y'amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets);
- Kugira umwambaro w'akazi ugaragaza ko akorera mu masoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets);
- Kubahiriza igihe cyagenwe gucururiza mu masoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets);

Ingingo ya 12 : Uko abagenerwabikorwa b'amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets) bazajya baherekezwa muri gahunda yo kwigira

Abagenerwabikorwa b'amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets) bagomba guherekekezwa muri gahunda yo kwigira bakubiye mu byiciro bikurikira:

Icyiciro cya mbere:

Kigizwe n'abagenerwabikorwa bagitangira gufashwa kubona aho bakorera, gufashwa kubona igishoro binyuze muri gahunda ya Girubucuruzi, no gufashwa kubona ibikoresho bifashisha mu bucuruzi mu gihe cy'umwaka umwe;

Icyiciro cya kabiri:

Kigizwe n'abagenerwabikorwa bamaze umwaka babonewe aho gucururiza mu isoko rigenewe abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda ariko batangiye gufashwa kubona aho gukorera hahoraho mu masoko asanzwe cyangwa batangiye gufashwa gukodesherezwa amazu yo gukoreramwo mu gihe cy'umwaka umwe;

Icyiciro cya gatatu:

Kigizwe n'abagenerwabikorwa bamaze umwaka bafashwa gukodesherezwa no kubona aho gukorera mu masoko asanzwe, bakaba baratangiye kwiyishyurira inguzanyo gukodesha aho bacururiza ariko ku giciro gito ugereranyije n'abasanzwe bahakorera;

Icyiciro cya kane:

Kigizwe n'abagenerwabikorwa biyishyurira bakodesha aho bacururiza mu masoko asanzwe ariko boroherezwaga gukodesha ku giciro gito ugereranyije n'abasanzwe bahakorera, noneho bakaba bagiye kwiyishyurira ubukode bw'ahacururizwa mu isoko risanzwe, ku giciro kingana n'icy'abasanzwe bahakorera.

Ingingo ya 13: Inshingano z'Umujyi wa Kigali

- Gushaka inkunga yo gufasha abagenerwabikorwa ba gahunda y'amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets).
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets);
- Gutanga ubujyanama mu kubungabunga ibikorwa byaba byaragezweho cyangwa byifuzwaga kugerwaho ariko ntibikunde, hagatangwa umurongo mwiza w'uko byakorwa.

Ingingo ya 14: Inshingano z'Uturere tw'Umujyi wa Kigali

- Gutanga inkunga ku bagenerwabikorwa b'amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets) binyuze muri gahunda ya Girubucuruzi igihe iyo nkunga ihari;
- Gushyiraho amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets) cyakora Akarere gashobora kwemerera umuntu ku giti cye cyangwa abishyize hamwe gushyiraho amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets) ariko bakubahiriza ibiteganywa n'aya mabwiriza;
- Gutoranya abagenerwabikorwa b'amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets) hashingiwe ku bigomba kubaranga bivugwa muri aya mabwiriza;
- Gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa rya gahunda y'amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets);

Ingingo ya 15: Amahugurwa akorerwa abagenerwabikorwa bajya muri aya masoko (free markets)

Uturere tugize Umujyi wa Kigali tugenera amahugurwa abagenerwabikorwa b'amasoko afashirizwamo aba bucuruzi (free markets) mbere y'uko bahabwa ubufasha ubwo ari bwo bwose. Ayo mahugurwa agomba kwibanda ku kwihangira imirimo (entrepreneurship), kwibumbira mu makoperative, gukorana n'amabanki n'ubundi bumenyi bwose bujyanye na gahunda ya "Korawigire" n'indangagaciro z'abanyarwanda.

Ingingo 16: Imiterere y'inyubako y'isoko zikorwamo na (free markets)

Inyubako y'isoko yakorerwamo n'abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- kuba itwikiriye;
- kuba ifite ubwiherero;
- kuba ifite urumuri ruhagije;
- kuba ifite ibyangombwa biyemerera gukorwamo imirimo y'ubucuruzi;
- kuba ifite abashinzwe umutekano;
- Kuba ifite isuku ikwiye.

Ingingo 17: Ibibujijwe ku masoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets)

- Gucururiza mu kajagari (hanze yayo);
- Kugura n'ucururiza mu muhanda;
- Gucururiza mu masashi;
- Umwanda n'urusaku mu isoko.

Ingingo ya 18: Amategeko Ngengamikorere

Amategeko ngengamikorere ya buri Koperative agomba gusobanura imikoranire y'Inzego z'ubuyobozi, za Koperative no kugaragaza ingamba na gahunda yo guca ubucuruzi bwo mu muhanda, agateganya ibihano bifasha abanyamuryango kubwirinda no kubikumira aho bakorerwa.

Ingingo ya 19: Ibihano bifatirwa abatubahiriza aya mabwiriza

Bitanyuranyije n'ibindi ibihano biteganywa n'andi mategeko, umuntu uwo ari we wese ugaragayeho ikosa ryo gucururiza no kugurira mu muhanda mu Mujyi wa Kigali, azacibwa ihazabu ryo mu rwego rw'ubutegetsi ry'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10.000R Frw) kandi agasubiza abamuteye inkunga ibicuruzwa afite bikajyanwa mu bubiko bwabugenewe mu Turere. Ihazabu rishyirwa kuri konti y'Akarere k'aho ikosa ryakorewe;

umuntu wese ufashwe agura (umuguzi) ibicuruzwa by'abakora ubucuruzi bw'akajagari bukorerwa ahatemewe, azajya agawa kandi aciwe ihazabu ringana n'ibihumbi icumi (10,000 frw) kuri bene ibyo bicuruzwa.

Umugenerwabikorwa wa gahunda y'amasoko afashirizwamo abakurwa mu bucuruzi bwo mu muhanda (free markets) uzafatwa acururiza mu muhanda azahita avanwa muri iyo gahunda.

UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.

Ingingo ya 21: inshingano z'ikurikiranabikorwa

Ikigo cy'igihugu gishinzwe amakoperative (RCA) gifatanyije n'izindi nzego bireba (Police, MIFOTRA, MINICOM, Umujyi wa Kigali n'Uturere tuwugize bifite inshingano zo gukora ikurikiranabikorwa, gutanga inama n'umurongo ukwiye wo kunoza, imikorere y'aya masoko.

Ingingo ya 22: Ibijyanye no kunganira andi mabwiriza

Aya mabwiriza yunganira andi yihariye yashyizweho cyangwa ashobora gushyirwaho n'inzego za Leta n'iz'abikorera zifite aho zihurira n'ikoreshwa ry'amasoko mu nshingano.

Ingingo ya 23: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu atangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, ku wa 03/05/2015

(sé)

UWIMBABAZI Pelagie
Umwanditsi w'Inama Njyanama
y'Umujyi wa Kigali

(sé)

Dr. SEBASHONGORE Dieudonné
Perezida w'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali

**ASSOCIATION NATIONALE DES PROPRIETAIRES DES
AUTO-ECOLES AU RWANDA (A.P.A.E.R)**

STATUTS DE A.N.P.A.E.R

ISHYIRAHAMWE RY'ABAFITE AMASHURI YIGISHA AMATEGEKO Y'UMUHANDA NO GUTWARA IBINYABIZIGA MU RWANDA « A.N.P.A.E.R »	ASSOCIATION NATIONALE DES PROPRIETAIRES DES AUTO ECOLES AU RWANDA « A.N.P.A.E.R »	NATIONAL ASSOCIATION OF DRIVING SCHOOL'S OWNERS IN RWANDA "A.N.P.A.E.R"
--	--	--

AMATEGEKO SHINGIRO

Kongere mu rwego rw'Igihugu ya

**'ISHYIRAHAMWE RY 'ABAFITE AMASHURI
YIGISHA AMATEGEKO Y'UMUHANDA NO
GUTWARA IBINYABIZIGA MU RWANDA
« A.N.P.A.E.R »,
yateranye i Kayonza, kuwa 1/04/2016**

Imaze kubona itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 kanama 2003 cyane cyane mu ngingo zaryo za 38, 39;

Imaze kubona amasezerano ya 87 na 89 y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku murimo(O.I.T);

Imaze kubona Itegeko no 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigena umurimo mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo za 101, 102, 103,104, 105, 106, 107, 108, 109, 110, 111, 112, 113, 115, 117 na 118.

STATUTS

Le Congrès National de l'

**'ASSOCIATION NATIONALE DES
PROPRIETAIRES DES AUTO ECOLES AU
RWANDA « A.N.P.A.E.R »,**

tenu à Kayonza, le 1/04/2016

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 Juin 2003; spécialement en ses articles 38 et 39 ;

Vu la convention 87 et 98 de l'organisation Internationale de travail(O.I.T);

Vu la Loi 13/2009 du 27/05/2009 portant réglementation du travail au Rwanda spécialement en ses articles 101, 102, 103,104, 105, 106, 107, 108, 109, 110, 111, 112, 113, 115, 117 et 118 ;

GENERAL PROVISIONS

National Congress of the

**ASSOCIATION NATIONALE DES
PROPRIETAIRES DES AUTO ECOLES AU
RWANDA,**

took place in Kayonza, on 01/04/2016

Pursuant to the constitution of the Republic of Rwanda of the 4th June 2003 especially in its Articles 30 and 39 ;

Pursuant to the convention 87 and 98 of the international convention of The International Organization for Labour (ILO);

Pursuant to the law no 13/2009 of the 27th May 2009 regulating labor in Rwanda especially in its articles 101, 102, 103, 104, 105, 106, 107, 108, 109, 110, 111, 112, 113, 115, 117 and 118.

Ishingiye ku Iteka rya Ministri n° 11 ryo kuwa 07/09/2011 rigena uburyo n'ibisabwa mu kwandikisha amashyirahamwe y'abakoresha ;

UMUTWE WA MBERE

IZINA, INTEBE, UBUSHAMIKE, IGIHE RIZAMARA, INTEGO N'IFASI YARYO

Icyiciro cya mbere: Izina, Intebe, Ubushamike, intego

Ingingo ya mbere:

Hashyizweho ishyirahamwe ryitwa 'ISHYIRAHAMWE RY'ABAFITE AMASHURI YIGISHA AMATEGEKO Y'UMUHANDA NO GUTWARA IBINYABIZIGA MU RWANDA «A.N.P.A.E.R» mu magambo ahinnye igifaransa

Ingingo ya 2:

Intebe y'iri shyirahamwe iri mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka GASABO. Ishobora kwimurirwa mu kandi karere k'u Rwanda byemejwe na Kongere y'Igihugu y'ishyirahamwe.

Ingingo ya 3:

«A.N.P.A.E.R» ishobora kugirana imikoranire n'andi mashyirahamwe bihuje intego, kandi ishobora kuba umunyamuryango w'ingaga yihitiyemo ku rwego rw'Igihugu ndetse n'urwego mpuzamahanga.

Vu l'Arrêté Ministériel n° 11 du 07/09/2010 déterminant les conditions et modalités d'enregistrement des organisations patronales ;

CHAPITRE PREMIER

DE LA DENOMINATION, DU SIEGE, DE L'AFFILIATION, DE LA DUREE, DES OBJECTIFS ET DU CHAMP D'ACTIVITE

Section 1ère: Dénomination, Siège, Affiliation, objectifs

Article premier:

Il est créé une association 'ASSOCIATION NATIONALE DES PROPRIETAIRES DES AUTO ECOLES AU RWANDA « A.N.P.A.E.R » dénommée ' en sigle.

Article 2:

Le siège social est établi dans la Mairie de la Ville de Kigali, District GASABO. Il peut être transféré en toute autre localité de la République Rwandaise sur décision du Congrès National.

Article 3:

Le « A.N.P.A.E.R » peut avoir le partenariat avec d'autres Associations ayant les mêmes objectifs et s'affilier à des confédérations au niveau national et international de son choix.

Pursuant to Ministerial order n° 11 of 07/09/2010 determining the modalities and requirements for the registration of employees 'professional organizations;

CHAPTER ONE:

DENOMINATION, HEAD QUARTERS, AFFILIATION DURATION, OBJECTIVES AND FIELD OF ACTIVITIES

Section One: Denomination, Headquarters, Affiliation, objectives

Article One:

It is hereby formed the association referred to ASSOCIATION NATIONALE DES PROPRIETAIRES DES AUTO ECOLES AU RWANDA "A.N.P.A.E.R" as in brief.

Article 2:

The headquarters are established in Kigali City, Gasabo District. It can be transferred to any other place on the Rwandan territory at the decision of the National Congress.

Article 3:

« A.N.P.A.E.R » can have partnership with other associations of same objectives and can get affiliated to National and international confederations of choice.

Icyemezo cy'ubunyamuryango bw'urugaga cyangwa gukorana n'andi mashyirahamwe gifatwa na Komite Nyobozi ikabimenyesha inteko rusange itaha.

Ingingo ya 4

Ishyirahamwe rifite intego zikurikira:

- Kurengera inyungu z'abanyamuryango;
- Guhama no gukomeza ubumwe, ubufatanye n'ubuvandimwe hagati y'abanyamuryango b'ishyirahamwe;
- Guharanira icyateza imbere imibereho myiza y'abakoresha bo mu rwego rwo kwigisha amategeko y'umuhanda n'ibinyabiziga mu rwanda,
- Kugira imishyikirano no gusinya amasezerano rusange n'abafatanyaga bikorwa batandukanye nk'inzego za Leta hamwe n'izigenga.
- Gukora igikorwa icyo ari cyo cyose kigamije guteza imbere inshingano z'ishyirahamwe;
- Gukora ubuvugizi ku banyamuryango baryo mu nzego zose;
- Guharanira ko uburinganire bwubahirizwa ku nzego zose m'umwuga wo kwigisha amategeko no gutwara ibinyabiziga;
- Guteza imbere umurimo ukozwe n'uruburiko;
- Kuba umusemburo w'imikoranye yo ku rwego mpuzamahanga mu mwuga wo kwigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga mu Rwanda bityo kandi umubano n'ubucuti hagati y'abakora uyu mwuga ukimazwa

La décision de l'affiliation et du partenariat est prise par le Comité Exécutif et en informe l'Assemblée Générale suivante.

Article 4

L'association a pour objectifs de:

- Défendre les intérêts de ses membres;
- Entretenir et développer entre tous ses membres l'union, la solidarité et la fraternité;
- Promouvoir le développement des conditions de vie et des employeurs dans le domaine des auto écoles,
- Engager des négociations et conclure des conventions collectives avec les différents partenaires et les agences du gouvernement;
- Exercer toute activité de nature à favoriser la réalisation de ses objectifs:
- Faire le plaidoyer de ses membres ;
- Lutter pour l'intégration du genre à tous les niveaux ;
- Promouvoir l'investissement i des jeunes dans le business des auto écoles ;
- Susciter une plus grande coopération internationale dans le cadre de la profession de courtage et semblablement, développer des liens d'amitié et des relations cordiales entre les propriétaires des auto-écoles;

The decision of affiliation and partnership is taken by the Executive Committee and inform the next General Assembly.

Article 4

The association has objectives of:

- Protecting the interests of its members;
- Keeping and developing within its members, union, solidarity and fraternity;
- Promoting development of standards of livelihood and work for owners of driving schools
- Engaging negotiations and concluding collective bargaining agreements with different partners like government agencies;
- Exercising all activities with option to enhance the achievement of its objectives;
- To Advocate for its members at all levels;
- To fight for the integration of gender at all aspects of business;
- Promote youth in driving school business;

- Kongera ubushobozi bw'imikorere n'ubumenyi by'abigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga mu Rwanda, gushyigikira amahugurwa no kongerera ubushobozi abantu bashyashya mu mwuga;

- Guharanira uburyo bwose bwatuma umwuga wo kwigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga mu Rwanda ibungwabungwa mu busugire bwawo ndetse ikanatezwa imbere;

-Gutekereza no guteza imbere imikorere mishyashya n'imigendereze myiza harebwa cyane cyane amasomo akenewe kugira ngo abatugana bashakira ubumenyi dutanga babuhabwe ku rwego mpuzamahanga.

Icyiciro cya kabiri: Igihe, Ifasi, Uburyo

Ingingo ya 5:

Ishyirahamwe rizamara igihe kitagenwe. Rikorera imirimo yayo mu gihugu cyose cy'u Rwanda.

Ingingo ya 6:

Kugira ngo « A.N.P.A.E.R » igere ku ntego zayo, yahisemo ingamba zikurikira:

-Gukora ubuvugizi mu nzego zose bireba hagamiywe kurebera hamwe imikorere n'imigendereze myiza y'umwuga wo kwigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga;

-Guhagararira abanyamuryango mu nzego z'ubutegetsi ndetse n'izigenga, zaba izo mu gihugu cyangwa izo mu mahanga;

-Améliorer des compétences techniques et connaissances des gens des auto-écoles, et promouvoir la formation professionnelle et la compétence des nouveaux membres dans la profession;

- Rechercher tous les voies et moyens pour sauvegarder et améliorer la réputation et la dignité de la profession des auto-écoles au Rwanda;

-Développer de nouvelles techniques ainsi que les meilleures pratiques répondant aux normes internationales des auto écoles.

Section deuxième: Durée, Champ d'activités, moyens

Article 5:

L'association est constituée pour une durée indéterminée. Elle exerce ses activités sur toute l'étendue de la République du Rwanda.

Article 6:

Pour atteindre à ses objectifs, le « A.N.P.A.E.R » décide de prendre les stratégies suivantes:

-Assurer la représentation de ses membres auprès des organismes étatiques et privés, tant sur le plan national qu'international;

-Participer à la prise de décision touchant ses membres;

Section two: Duration, Field of activities, Means

Article 5:

The association is created for an undetermined period. It will exercise its activities on the whole territory of Rwanda.

Article 6:

To reach its objectives, A.N.P.A.E.R adopts the following strategies:

-To ensure the representation of its members in public and private organizations, nationally and internationally;

-To participate in all decisions taken and that concern its members;

- | | | |
|--|---|---|
| -Kugira uruhare mu byemezo bifatwa birebana n'abanyamuryango bayo; | -Lutter pour qu'il y ait des conventions collectives dans le domaine des auto - écoles ; | -To fight for the collective bargaining agreement in domain of driving schools; |
| -Guharanira ko habaho amasezerano rusange, mu rwego rwo kwigisha amategeko y'umuhanda n'ibinyabiziga; Gukurikiza sitati n'amasezerano rusange yashyizweho umukono; | -Veiller au respect des statuts et conventions collectives signés; | -To respect the signed status and collective bargaining conventions; |
| -Gukangurira abanyamuryango, kwirinda indwara z'ibyorezo zirimo na SIDA; | -Sensibiliser les membres sur la lutte contre les maladies épidémiques, le VIH/SIDA y compris; | -To sensitize members to fight against pandemic diseases including AIDS/HIV; |
| - Guhugura abanyamuryango no kubamenyesha ibyo bagomba kumenya byose; | -Formation et information de ses membres; | -To provide training and information to its members; |
| -Gushishikariza abayoboke uburyo bwo kwizigamira bishyiriraho udusandukui two kubitsa, kugurizanya no guhahirana; | -Sensibiliser les membres à un système d'épargne en créant des caisses d'entraide des employeurs, de crédit et d'approvisionnement. | -To sensitize its members on money saving program by creating credit scheme, Small fund and supply schemes; |
| -Gushyiraho ibikorwa biteza imbere imibereho myiza y' abanyamuryango. | -Mettre en place des activités socio-économiques. | -To put in place socio – economic activities. |
| - Guteza imbere uburinganire bw' ibitsina mu nzego zose z' umwuga. | - Promouvoir l'intégration du genre à tous les aspects de l'emploi. | -To promote gender at all aspects of business. |

UMUTWE WA II: ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 7:

Abanyamuryango b'Ishyirahamwe « A.N.P.A.E.R »:

- Abanyamuryango barishinze,
- Abanyamuryango baryinjiyemo,
- Abanyamuryango b'icyubahiro.

Ingingo ya 8:

-Abarishinze ni abashyira umukono kuri aya mategeko.

CHAPITRE II:DES MEMBRES

Article 7:

Sont considérés comme membres de l'association « A.N.P.A.E.R » :

- Les membres fondateurs,
- Les membres adhérents,
- Les membres d'honneur.

Article 8:

-Sont membres fondateurs, les signataires des présents statuts.

CHAPTER II: MEMBERS

Article 7:

Members of the Trade union of A.N.P.A.E.R :

- Founder members;
- Adherents members;
- Members of honor;

Article 8:

Founder members are those who are signatories of the current status;

-Abayinjyemo ni abiyemeje gukurikiza aya mategeko bakemerwa na Kongere y'Igihugu.

-Abanyamuryango b'icyubahiro ni abagize ibikorwa bigamije kuriteza imbere kugirango rirusheho gukomera. Uburyo bwo kwemerwa buteganywa n'amategeko ngenga mikorere.

Ingingo ya 9:

-Abanyamuryango bayishinze n'abayinjyemo nibo banyamuryango nyakuri.

-Abashobora kuba abanyamuryango nyakuri ni company cyangwa koperative zikora umurimo wo kwigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga, zashyize umukono ku mategeko shingiro, cyangwa abinjyemo bakemezwa na kongere y'igihugu

Ingingo ya 10:

Umubare w'abanyamuryango ntiwagenge

Ingingo ya 11:

Kuba umunyamuryango bikorwa ku bushake. Umuntu aba atakiri umunyamuryango iyo apfuye, yeguye cyangwa awuzerewe.

Ingingo ya 12 :

Uburyo bwo kwinjira, kwegura n'impamvu zo gusezererwa biteganywa n'amategeko ngenga mikorere ya « A.N.P.A.E.R ».

-Sont membres adhérents, les personnes qui, après avoir souscrit aux présents statuts auront été agréées par le Congrès National.

-Sont membres d'honneur, les personnes qui, par leurs mérites auront contribué à la bonne marche de l'association, les modalités d'agrégation sont prévues par le règlement d'ordre intérieur.

Article 9:

-Les membres fondateurs et les membres adhérents sont les membres effectifs de l'association.

-Peuvent être membres effectifs toute personne œuvrant dans le secteur de l'auto école au Rwanda.

Article 10:

Le nombre des membres de l'association est indéterminé.

Article 11:

L'adhésion est volontaire. La qualité de membre se perd par le décès, la démission ou par exclusion.

Article 12 :

Les modalités d'adhésion, démission et licenciement sont prévues par les règlements d'ordre intérieur de l' « A.N.P.A.E.R ».

-Adherent members are those who will be subscribed at the current status and be approved by the National Congress;

-Members of honor are those approved by merit of will, have contributed to the well performing of the union. Modalities of approbation are defined in the Internal Rules and Regulations.

Article 9:

-Founder members and adherent members are effective members of the association;

-All persons and company in the sector of driving schools, can be effective members.

Article 10:

The number of members of the association is undetermined.

Article 11:

The membership is voluntary. Someone loses his membership upon the death, resignation and exclusion.

Article 12:

The modalities of membership adhesion, resignation and dismissal are defined in the Internal Rules and Regulations of the A.N.P.A.E.R.

Icyiciro cya kabiri: Uburenganzira n'inshingano

1. Uburenganzira

Ingingo ya 13:

Abanyamuryango b'ishyirahamwe bafite uburenganzira bwo:

- Kujya mu nama no mu mahugurwa y'ishyirahamwe,
- Gushyigikirwa no guterwa inkunga n'ishyirahamwe igihe cyose uburenganzira n'inyungu byabo bihohotewe,
- Gutora, gutorwa (abayoboke nyakuri) mu nzego z'ishyirahamwe,
- Kugira uruhare mu bikorwa bigamije imibereho myiza n'ubukungu byashinzwe n'ishyirahamwe.

2. Inshingano

Ingingo ya 14:

Abanyamuryango bafite kandi inshingano zo:

- Kubahiriza sitati n'amabwiriza by'ishyirahamwe,
- Gutanga buri gihe imisanzu, hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko ngenga mikorere.
- Kugira uruhare mu kugena no kurangiza politiki rusange na porogaramu by'ishyirahamwe,

Section deuxième: Des Droits et des Devoirs

1. Des Droits

Article 13:

Les membres de l'association ont le droit notamment de:

- participer aux réunions et formations de l'association,
- être défendu et assisté par l'association pour sauvegarder la promotion de ses droits et de ses intérêts professionnels,
- d'élire, d'être élu (seulement les membres effectifs) dans différents organes de l'association,
- bénéficier des œuvres socio-économiques initiées par l'association.

2. Des Devoirs

Article 14:

Les membres ont toutefois les devoirs de:

- Respecter les statuts et règlements de l'association,
- Verser régulièrement les cotisations, dont le paiement est prévu par le règlement d'ordre intérieur,
- Participer à la conception et l'exécution de la politique et des programmes de l'association,

Section two: Rights and Obligations

1. Rights

Article 13:

Members of the Association have the rights:

- To participate to the meetings and trainings of the association;
- To be protected and assisted by the association for the respect of promotion of their rights and professional interests;
- To elect and be elected (for only effective members) at different levels of the association;
- To benefit from the socio economic activities initiated by the association.

2. Obligations

Article 14:

Members have the obligations of:

- To respect the statutes and Internal Rules and Regulations of the association;
- To regularly pay their contribution from which payment and modalities of payment are determined by the Internal Rules and Regulations;
- To participate to the conception and execution of policies and programs of the association;

-Kwirinda ikintu cyose cyatesha ishema n'icyubahiro ishyirahamwe, aharanira icyariteza imbere ndetse n'icyarimenyekanisha.

UMUTWE WA III: INZEGO Z'ISHYIRAHAMWE

Ingingo ya 15:

Inzego z'ishyirahamwe ni :

- Kongere y'Igihugu,
- Komite Nyobozi
- Komite Ngenzuzi

Abagize inzego zose baratorwa. Ibigendanye n'uburyo batorwa bikubiye mu Mategeko ngengamikorere.

Icyiciro cya mbere: Kongere y'Igihugu

Ingingo ya 16:

Kongere yo mu rwego rw'igihugu ni rwo rwego rw'ikirenga rw'ishyirahamwe, igizwe n'abahagarariye abanyamuryango nyakuri. Uko bashyirwaho biteganywa n'amategeko ngenga mikorere.

Abanyamuryango b'icyubahiro bashobora guhabwa ijamba muri Kongere y'Igihugu bakavuga icyo batekereza, ntibashobora gutora cyangwa ngo batorwe.

-Eviter toute action de nature à entacher l'honneur et la crédibilité de l'association, en œuvrant à sa promotion et à son bon fonctionnement.

CHAPITRE III: LES ORGANES DE L'ASSOCIATION

Article 15:

Les organes de l'association sont:

- Le Congrès National,
- Le Comité Exécutif
- Le Comité de Contrôle

Tous les membres de ces organes sont élus. Les modalités d'élection sont détaillées dans le règlement d'ordre intérieur.

Section première: Congrès National

Article 16:

Le Congrès National est l'organe suprême de l'association. Il est constitué des représentants des membres effectifs dont les modalités de désignation sont définies par le règlement d'ordre intérieur.

Les membres d'honneur peuvent prendre part aux assises du Congrès National sans voix délibérative, sans droit ni de vote ni d'éligibilité.

-To avoid all activities that are disqualifying and dishonoring the image of the association thus work for the development and expansion of the association.

CHAPTER III: ORGANS OF THE ASSOCIATION

Article 15:

Organs of the association are:

- National Congress;
- Executive committee
- Control committee

All Committees members are elected. Modalities of election are detailed in Internal rules and regulations.

Section One: National Congress

Chapter 16:

The National Congress is the supreme organ of the association. Representatives of effective members whose modalities of designation are defined in the Internal Rules and Regulations constitute it.

Members of honor can participate in the congress by giving their contribution but not allowed to elect nor be elected.

Ingingo ya 17:

Kongere y'Igihugu ifite ububasha bwo:

- Gutora no guhagarika abagize Komite nyobozi y'ishyirahamwe ;
- Gutora no guhagarika abagize Akanama k'ubugenzuzi;
- Kwemeza raporo ku mikorere n'umutungo w'ishyirahamwe,
- Gushyiraho umusanzu w'abanyamuryango;
- Kwirukana Abanyamuryango mu gihe bakoze amakosa;
- Gufata icyemezo cyo gusesa ishyirahamwe;
- Kwemeza no guhindura amategeko agenga Sendika.

Ingingo ya 18:

- Kongere y'Igihugu isanzwe iterana buri myaka 4, itumijwe na Perezida
- Itariki, aho izabera n'ibizigirwamo bimenyeshwa abagize Kongere hasigaye ukwezi ngo iterane.
- Ishobora guterana mu nama idasanzwe itumiwe na Perezida cyangwa $\frac{3}{4}$ by'abanyamuryango nyakuri.
- Inama ya Kongere idasanzwe yiga gusa ku biri ku murongo w'ibygwa.
- Mbere yo gutangira, Kongere y'igihugu idasanzwe yitoramo abagize biro iyobora inama igizwe na Perezida na visi-Perezida n'umunyamabanga. Umunyamabanga niwe uba umwanditsi wayo.

Article 17:

Le Congrès National a le pouvoir de:

- Elire et démettre les membres du Comité Exécutif de l'association,
- Elire et démettre les membres de la commission de contrôle,
- Approuver le rapport administratif et financier de l'association.
- Fixer les cotisations des membres;
- Prononcer l'exclusion des membres en cas de fautes,
- Décider de la dissolution de l'association,
- Adopter et modifier les statuts de l'association.

Article 18:

- Le Congrès National ordinaire se réunit chaque 4 ans sur convocation du Président.
- La date, le lieu et l'ordre du jour sont communiqués aux congressistes un mois avant la tenue du Congrès.
- Il peut se réunir en session extraordinaire, soit à la demande du Président soit à la demande des $\frac{3}{4}$ de ses membres effectifs.
- La session extraordinaire examine les seuls points inscrits à l'ordre du jour.
- Au début de ses travaux, le Congrès National extraordinaire élit un bureau composé du Président, du Vice-Président et du Secrétaire. Le Secrétaire en est le rapporteur.

Article 17:

The National Congress has the role:

- To elect and dismiss members of Executive Committee
- To elect and dismiss members of the control commission;
- To approve the administrative and financial report of the association;
- To fix the contribution fees
- To pronounce the exclusion of members in case of faults;
- To decide on the dissolution of the association;
- To adopt and modify statutes of the association;

Article 18:

- The ordinary National Congress is held in after 4 years on convocation of the President.
- The date, the place and the agenda are communicated to the congress one month before the congress takes place.
- It can meet at extraordinary session; it may be on request of the President or $\frac{3}{4}$ of the effective members.
- The extraordinary session examines only the agenda,
- At the beginning of every session, the extraordinary congress elects a bureau composed by President, Vice President and the Secretary. The secretary takes the minutes.

-Ibyemezo bya Kongere y'Igihugu bifatwa n'ubwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango bahari.

Ingingo ya 19:

-Kongere y'Igihugu iterana iyo nibura 2/3 by'abanyamuryango bahari.

-Iyo uwo mubare utagezeho, hatumizwa indi nama mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira ikiga ibyagombye kwigwa mbere. Abanyamuryango bahari bafata ibyemezo bihamye uko baba bangana kose.

-Muri icyo gihe, nta kindi kibazo gishobora gusuzumwa niba kitari ku murongo w'ibygwa.

Icyiciro cya kabiri:Komite Nyobozi

Ingingo ya 20:

Komite nyobozi ni rwo rwego rushyira mu bikorwa ibyemezo bya Kongere y'igihugu ya « A.N.P.A.E.R ».

Ingingo ya 21:

Abagize Komite Nyobozi

Komite Nyobozi igizwe n'aba bakurikira:

-Perezida akaba n'umuvugizi, ashinzwe guhuza ibikorwa byose bya « A.N.P.A.E.R »;

-Visi Perezida akaba n'Umuvugizi wungirije;

-Les décisions du Congrès National sont prises à la majorité de 2/3 des membres présents.

Article 19:

-Pour siéger valablement, le Congrès National doit réunir au moins 2/3 des membres.

-Faute de quorum, une nouvelle convocation est lancée pour siéger au plus tard dans les quinze jours qui suivent et l'ordre du jour antérieur est valablement étudié quel que soit le nombre des membres présents à la réunion.

-Dans ce cas, aucune autre question ne peut être examinée si elle ne figure pas à l'ordre du jour.

Section deuxième: Comité Exécutif

Article 20:

Le Comité Exécutif est l'organe d'exécution des décisions du Congrès National de l'« A.N.P.A.E.R ».

Article 21 :

Composition du Comité Exécutif

Le Comité Exécutif est composé par :

-Le Président et Représentant Légal chargé de la coordination de toutes les activités de « A.N.P.A.E.R »;

-Le Vice-Président et Représentant Légal Suppléant ;

-The decisions of the National Congress are taken by majority of 2/3 of the Present members.

Article 19:

-To effectively meet, the National Congress has to reach 2/3 of its members.

-Because of the missing of the quorum, a new convocation is established to make the session not later than fifteen days (15) and the previous agenda is effectively examined with no matter of members attending the meeting.

-In that case, no other question has to be reviewed if it doesn't figure out on the agenda.

Section two: Executive Committee

Article 20:

The Executive Committee is the execution organ of decisions taken in National Congress of A.N.P.A.E.R.

Article 21 :

Composition of Executive Committee

The Executive Committee is composed by:

-President and Legal Representative, he coordinates all A.N.P.A.E.R' s activities;

-Vice President and Acting Legal Representative;

-Umunyamabanga mukuru, ashinzwe imiyoborere n'imikorere y'ibiro bya « A.N.P.A.E.R » ;

-Umubitsi akaba ashinzwe gucunga umutungo wa « A.N.P.A.E.R » ;

-Umujyanama rusange akaba ashinzwe by'umwihariko uburinganire bw'ibitsina byombi n'uruburiko;

-Umujyanama mu mategeko akaba ashinzwe by'umwihariko ubushakashatsi;

-Abayigize batorerwa manda y'imyaka 4 ishobora kongerwa inshuro imwe.

Article 22 :

Inshingano za Komite Nyobozi

-Gucunga imikorere ya buri muni ya « A.N.P.A.E.R » hakurikijwe ibyemezo bya kongere y'igihugu

-Kuyihagararira mu nzego zose z'ubuyobozi n'ayindi mashyirahamwe yaba ayo mu gihugu cyangwa mu mahanga

-Gufata ibyemezo byihutirwa byagirira akamaro « A.N.P.A.E.R » ,

-Gutegura, gusobanura no gushyira mu bikorwa ingengo y'imari ya buri mwaka ya « A.N.P.A.E.R » ,

-Gushyikiriza Kongere y'igihugu, ibyifuzo byatuma imikorere ya A.N.P.A.E.R irushaho kuba myiza

-Gutegura no gusinya amasezerano rusange n'izindi nzego zose bireba mu rwego rwo kugira ngo umwuga wacu ukorwe neza.

-Le Secrétaire Général chargé de l'administration et gestion du Bureau de l' « A.N.P.A.E.R » ;

-Le Trésorier chargé de la gestion financière de l' « A.N.P.A.E.R » ;

-Le Conseiller général chargé spécialement du genre et des jeunes ;

-Le conseiller juridique chargé des recherches de l'association ;

-Les membres sont élus pour un mandat de 4 ans renouvelable une fois.

Article 22 :

Responsabilités du Comité Exécutif

-Assurer la gestion journalière du « A.N.P.A.E.R » conformément aux décisions du Congrès National,

-Assurer sa représentation auprès de diverses autorités et autres organisations de l'association, nationales et internationales,

-Prendre de son initiative, des décisions urgentes intéressant l' « A.N.P.A.E.R » ,

-Préparer, défendre et exécuter le budget annuel de l' « A.N.P.A.E.R » ,

-Proposer au Congrès National des recommandations en rapport avec un meilleur fonctionnement de l' A.N.P.A.E.R,

-Négocier et conclure des conventions collectives avec les autres organes et les Agences du gouvernement.

-Secretary General, responsible of administration and A.N.P.A.E.R office management

-Treasurer, responsible of financial and A.N.P.A.E.R asset management

-General advisor, especially in charge of gender and youth

-Legal advisor, especially in charge of association researches

-Members are elected for 4 years renewable once mandate.

Article 22 :

Responsibilities of Executive Committee

-Ensure A.N.P.A.E.R daily activities management according to the National Congress decisions.

-Ensure representation in various authority and national and international associations,

-Take per initiative, urgent decisions of interest to A.N.P.A.E.R,

-Prepare, defend and execute A.N.P.A.E.R annual budget,

-Propose in National Congress, recommendations for good management of A.N.P.A.E.R,

-Negotiate and conclude collective bargaining agreement with all concerned government agencies.

Icyiciro cya gatatu: Komite Ngenzuzi

Ingingo ya 23:

Komite ngenzuzi igizwe n'abantu 3 batorwa na kongere y'igihugu, bakamara imyaka 4 ishobora kongerwa inshuro imwe.

Ingingo ya 24:

Komite Ngenzuzi ishinze:

- Kugenzura icungamutungo n'uburyo gahunda za A.N.P.A.E.R zishyirwa mu bikorwa
- Amakosa akomeye agaragaye agomba guhita amenyeshwa komite nyobozi,
- Buri mpera y'umwaka, komite ngenzuzi ikora raporo y'ubugenzuzi ishyikiriza komite nyobozi, ikazanayimurika muri Kongere y'igihugu isanzwe,

-Igenzura riba nibura buri mezi atandatu.

UMUTWE WA IV: UMUTUNGO W'ISHYIRAHAMWE

Ingingo ya 25:

Umutungo w'ishyirahamwe ukomoka:

- Ku misanzu y'abanyamuryango,
- Ku mpano n'indagano,
- Ku mfashanyo,
- Mu bikorwa by'ishyirahamwe.

Section troisième: Comité de Contrôle

Article 23:

Le Comité de contrôle est composé de 3 membres élus par le Congrès National pour un mandat de 4 ans renouvelable une fois.

Article 24:

Le Comité de contrôle est chargé de :

- vérifier la comptabilité et l'état d'exécution des programmes de l' A.N.P.A.E.R,
- Toute irrégularité grave constatée doit être immédiatement signalée au Comité Exécutif.
- A la fin de chaque exercice budgétaire, il doit établir un rapport de contrôle à adresser au Comité Exécutif et à présenter au Congrès National réuni en session ordinaire,
- Le contrôle se fait au moins chaque six mois.

CHAPITRE IV: PATRIMOINE DE L'ASSOCIATION

Article 25:

Les ressources de l'Association proviennent:

- Des cotisations des membres,
- Des dons et legs,
- Des subventions et subsides divers,
- Des produits de ses œuvres.

Section three: Control Committee

Article 23:

The Control committee is composed by 3 members elected by National Congress for a 4 years renewable once mandate.

Article 24:

Control Committee is in charge of:

- Verify accountancy and A.N.P.A.E.R programs execution situation.
- Every serious irregularity must be immediately reported to Executive Committee.
- At every financial year, a control report must be established to be given to Executive Committee and present to the ordinary National congress;
- The control is done at least every six months,

CHAPTER IV: PROPERTIES OF THE ASSOCIATION

Article 25:

The resources of the association originate from:

- Contributions of the members;
- Donations and heritage;
- Subventions and varied subsidies;
- Products and activities

Ingingo ya 26:

Ishyirahamwe rishobora kubona umutungo ryakomora ku bikorwa birebana n'itege rusange ryayo.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 27:

Ibyemezo by'ubushamike no kwifatanya n'andi mashyirahamwe bifatwa na Kongere y'Igihugu.

Ingingo ya 28:

Iyo umwe mu bahagarariye abayoboke mu rwego urwo ari rwo rwose agize impamvu zimubuza kurangiza umurimo yatorewe asimburwa n'uwamukurikiye mu majwi.

Igihe ubwo busimbura budashobotse, urwego rwisumbuye rukurikiraho ni rwo rugena ugomba gukomeza imirimo kugeza ku matora akurikira.

Ingingo ya 29:

Iseswa rya A.N.P.A.E.R ryemezwa na Kongere y'Igihugu ku bwiganze bwa $\frac{3}{4}$ by'abagize Kongere.

Ingingo ya 30:

Mu gihe ishyirahamwe risheshwe, umutungo wose usigaye havuyemo imyenda, wegurirwa irindi rifite itege zisa n'izaryo byemejwe na Kongere y'Igihugu y'ishyirahamwe.

Article 26:

L'association peut acquérir des biens dans le cadre des activités cadrant avec ses objectifs.

CHAPITRE V:DISPOSITION FINALES

Article 27:

Les décisions d'affiliation et de fusion avec d'autres associations sont prises par le Congrès National.

Article 28:

En cas d'empêchement ou d'incapacité d'un membre à un organe du A.N.P.A.E.R, il est automatiquement remplacé par son suppléant suivant les voix exprimées au cours des élections.

Lorsque la suppléance ne peut pas avoir lieu, l'organe directement supérieur désigne celui qui assumera provisoirement les fonctions jusqu'aux prochaines élections.

Article 29:

La dissolution de l' A.N.P.A.E.R est décidée par le Congrès National à la majorité de $\frac{3}{4}$ de ses membres.

Article 30:

En cas de dissolution, après apurement du passif, l'actif net de l'association sera dévolu à une autre association à but similaire, désignée par le Congrès National de l'association.

Article 26:

The association can acquire properties that are resulted from activities relating to its objectives.

CHAPTER V: FINAL DISPOSITIONS

Article 27:

The decision of affiliation and fusion with other Associations is taken by National Congress,

Article 28:

In case of missing or incapacity of one of the members at all levels of A.N.P.A.E.R , he/she is automatically replaced by his/her assistant referring to voices he/ she obtained within the previous elections.

If this option cannot be applied, the direct upper level appoints a person who temporally fills the post until next elections.

Article 29:

The dissolution of A.N.P.A.E.R is decided by the National Congress at the majority of $\frac{3}{4}$ of the members.

Article 30:

In case of the dissolution, after the passive to be expired, the active net of the Association will be

devaluated to other organization with similar goal chosen by the National Congress.

Ingingo ya 31:

Ibidateganyijwe muri iyi sitati hazakurikizwa ibiteganywa n'amategeko ngengamikorere y'ishyirahamwe ndetse n'amategeko y' igihugu agenga amashyirahamwe y'abakoresha.

Ingingo ya 32:

Izi sitati zizatangira kubahirizwa ku itariki zashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali, kuwa 01/04/2016

Uhagarariye Ishyirahamwe
(sé)

GISHOMA Jean de Dieu

Uhagarariye umuryango wungirije
(sé)

BUTERA Emile

Article 31:

Pour tout ce qui n'est pas prévu par les présents statuts, on se réfèrera au règlement d'ordre intérieur et à la législation en la matière.

Article 32:

Les présents statuts entrent en vigueur le jour de leur signature.

Fait à Kigali, le 01/04/2016

Le Représentant Légal
(sé)

GISHOMA Jean de Dieu

Le Représentant Légal Suppléant
(sé)

BUTERA Emile

Article 31:

All that is not defined in the current statutes will lead to be referred to the Internal Rules and Regulations and to other relating laws.

Article 32:

The current statutes start to be operational the day of its signature.

Done at Kigali on 01/04/2016

The Legal Representative
(sé)

GISHOMA Jean de Dieu

The Deputy Legal Representative
(sé)

BUTERA Emile

INYANDIKO MVUGO Y'INAMA ISHYIRAHAMWE "A. N.P.A.E.R"

Umunsi wa mbere , ukwezi kwa mata, umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi na gatandatu,(01/04/2016) hateranye inama y'abafite amashuri yo kwigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga mu Rwanda bateraniye mu cyumba cy'inama cya Hotel Silent I kayonza. Iyo nama yahuje abanyamuryango 23, ikaba yari igamije ibi bikurikira:

1. Gushyiraho ishyirahamwe ry'abafite amashuri yo kwigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga mu Rwanda ku mugaragaro no kuriha izina
2. Gutora inzego z'ubuyobozi
3. Kwemeza amategeko shingiro n'ay'umwihariko y'ishyirahamwe

Ingingo ya mbere: Gushyiraho ishyirahamwe ku mugaragaro no kuriha izina

Kubera ko ishyirahamwe ryatangiyeho kera muri 2015 ariko rikaba ritari ryanditswe mu buryo bwemewe n'amategeko, abanyamuryango bemeje kurishyiraho, rikandikwa rigakora mu buryo bwemewe n'amategeko akenyewe y'amashyirahamwe mu Rwanda.

ISHYIRAHAMWE ryahawe izina:

“ISHYIRAHAMWE RY'ABAFITE AMASHURI YO KWIGISHA AMATEGEKO Y'UMUHANDA NO GUTWARA IBINYABIZIGA MU RWANDA”.

“NATIONAL ASSOCIATION OF DRIVING SCHOOLS'S OWNERS IN RWANDA”.

” ASSOCIATION NATIONALE DES PROPRIETAIRES DES AUTO ECOLES AU RWANDA”

Mu magambo ahinnye **“A.N.P.A.E.R”**

Ingingo ya kabiri: Gutora Inzego z'Ubuyobozi

Ishyirahamwe rimaze kwemezwa ryashyizeho inzego z'ubuyobozi ku buryo bukurikira:

A. Komite Nyobozi:

1. PEREZIDA: GISHOMA Jean de Dieu , yagize amajwi,15 kuri 20 ;
2. VISI PEREZIDA WA 1: BUTERA Emile, yagize amajwi 6 kuri 20 ;
3. VISI PEREZIDA WA 2 : TWAGIRAMUNGU Vincent, yagize amajwi 4 kuri 20 ;
4. UMUNYAMABANGA MUKURU: UWIMANA Honorine, yagize amajwi 9 kuri 20 ;
5. UMUBITSI : NKUNDIMANA Callixte, yagize 12 kuri 20 ;
6. ABAJYANAMA BABIRI (Umunyanama Rusange n'Umujyanama muby'amategeko)
-Umujyanama Rusange: KARAMAGE Emile, yagize amajwi 5 kuri 20;
-Umujyanama mu by'amategeko: MUGABO Egide, yagize amajwi 15 kuri 20.

B. Komite Ngenzuzi:

MWIZERE Albert yagize amajwi 8 kuri 20;
GATARE Edison yagize amajwi 7 kuri 20 ;
UWANZIGA Julienne yagize amajwi 5 kuri 20.

C. AKANAMA NKEMURAMPAKA :

1. NTAGANZWA Alexis yagize 7 amajwi kuri 20 ;
2. MBOWA Festo yagize amajwi 9 kuri 20 ;
3. NZUMPATSE Martin yagize amajwi 3 kuri 20.

Ingingo ya gatatu : Kwemeza amategeko Shingiro n'ay'umwihariko

Amategeko shingiro yemejwe n'abanyamuryango nk'uko ari, ndetse n'amategeko y'umwihariko azayunganira na yo yemejwe ashyirwaho umukono.

Bikorewe Kayonza, kuwa 01/04/2016

(sé)
UWIMANA Honorine
Umwanditsi w'inama

(sé)
GISHOMA Jean de Dieu
Perezida w'Ishyirahamwe

URUTONDE RW'ABANYAMURYANGO BA A.N.P.A.E.R

NO	AMAZINA	N°Y'IRANGAMUNTU	ISHURI	UMUKONO
1	NTAGANDA Alexis	1195580046761019	UTS Driving School	(sé)
2	GATARE Edison	1198280183299023	NYAGATARE Driving school	(sé)
3	HABYARIMANA Eliazer Kemusa	1196980066743075	INTIGANDA Driving School	(sé)
4	NKUNDIMANA Callixte	1198280015300088	CALLETEDDY Driving School	(sé)
5	GISHOMA Jean de Dieu	1197980000248075	IMENA Driving School	(sé)
6	MWIZERE Albert	1198680172059092	KABARONDO Driving School	(sé)
7	HAKIZIMANA Valens	1198680016045078	ALPHA Driving School	(sé)
8	NZUMPATSE Martin	1197780002099014	URUMURI Driving School	(sé)

Official Gazette n°29bis of 18/07/2016

9	RUZINDANA Denis	1197380079587084	NICE Driving School	(sé)
10	NSABAGASANI Claudien	1197880019223070	STE RITHA Driving School	(sé)
11	TWISHIME Isaie	1198480053878105	WELCOME Driving School	(sé)
12	BUTERA Emile	1197280044473041	PROFESSIONAL Driving School	(sé)
13	UWANZIGA Julienne	1198070041760001	YOUTH Driving School	(sé)
14	MBOWA Festo	1197080084396063	BICON Driving School	(sé)
15	MANIRUTABANZI Jean Pierre	1199280013274165	INTEGO Driving School	(sé)
16	UWIMANA Honorine	1198870128122089	NYAMATA Driving School	(sé)
17	MUGABO Egide	1197380079562073	IMANZI Driving School	(sé)
18	BIGARAGARA Jean Damascene	1197580094420080	AGACIRO Driving School	(sé)

Official Gazette n°29bis of 18/07/2016

19	KARAMAGE Emile	1197880125235055	MORIYA Driving School	(sé)
20	UNITED D. school Koperative TWAGIRAMUNGU Vincent	NO RCA838/2010 cyo kuwa 15/06/2010 1197780014616140	UNITED D. School Koperative	(sé)
21	UWIRAGIYE Francois	1199080153026001	HERO Driving School	(sé)

INDAHIRO Y'ABAYOBOZI

INDAHIRO YA PEREZIDA

Njyewe, **GISHOMA Jean de Dieu**, Perezida w'ishyirahamwe ry'abafite amashuri yo kwigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga « A.N.P.A.E.R », ndahiriye imbere ya Kongere, nshingiye ku myanzuro y'inama ya Kongere yantoreye kuyobora Ishyirahamwe ku italiki 01/04/2016, ko nzubahiriza imirimo nshinzwe nta vangura iryariryo ryose kandi ko ntazatira inshingano n'amategeko agenga iri shyirahamwe

Ndamutse ntatiriyeyi ndahiro, nkazabihanirwa n'amategeko

Imana izabimfashemo

Bikorewe i Kayonza, kuwa 01/04/2016

(sé)

GISHOMA Jean de Dieu
Perezida wa A.N.P.A.E.R

INDAHIRO YA VISI -PEREZIDA WA MBERE

Njyewe, **BUTERA Emile**, Visi Perezida wa 1 w'ishyirahamwe ry'abafite amashuri yo kwigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga « A.N.P.A.E.R » ndahiriye imbere ya Kongere, nshingiye ku myanzuro y'inama ya Kongere yantoreye kuyobora ishyirahamwe ku italiki 01/04/2016, ko nzubahiriza imirimo nshinzwe nta vangura iryariryo ryose kandi ko ntazatira inshingano n'amategeko agenga iri shyirahamwe.

Ndamutse ntatiriyeyi ndahiro nkazabihanirwa n'amategeko

Imana izabimfashemo

Bikorewe i Kayonza, kuwa 01/04/2016

(sé)

BUTERA Emile
Visi Perezida wa Mbere wa A.N.P.A.E.R

INDAHIRO YA VISI -PEREZIDA WA KABIRI

Njyewe, **TWAGIRAMUNGU Vincent**, Visi Perezida wa 2 w'ishyirahamwe ry'abafite amashuri yo kwigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga « A.N.P.A.E.R » ndahiriye imbere ya Kongere, nshingiye ku myanzuro y'inama ya Kongere yantoreye kuyobora ishyirahamwe ku italiki 01/04/2016, ko nzubahiriza imirimo nshinzwe nta vangura iryariryo ryose kandi ko ntazatira inshingano n'amategeko agenga iri shyirahamwe.

Ndamutse ntatiriyeyi ndahiro nkazabihanirwa n'amategeko

Imana izabimfashemo

Bikorewe i Kayonza, kuwa 01/04/2016

(sé)

TWAGIRAMUNGU Vincent
Visi Perezida wa 2 wa A.N.P.A.E.R

INDAHIRO Y'UMUNYAMABANGA

Njyewe, **UWIMANA Honorine**, Umunyamabanga w'ishyirahamwe ry'abafite amashuri yo kwigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga « A.N.P.A.E.R » ndahiriye imbere ya Kongere, nshingiye ku myanzuro y'inama ya Kongere yantoreye kuba umunyamabanga w'ishyirahamwe ku italiki 01/04/2016, ko nzubahiriza imirimo nshinzwe nta vangura iryariryo ryose kandi ko ntazatitira inshingano n'amategeko agenga iri shyirahamwe.

Ndamutse ntatiriye iyi ndahiro nkazabihanirwa n'amategeko

Imana izabimfashemo

Bikorewe i Kayonza, kuwa 01/04/2016

(sé)

UWIMANA Honorine

Umunyamabanga wa A.N.P.A.E.R

INDAHIRO Y'UMUBITSI

Njyewe, **NKUNDIMANA Callixte**, Umubitsi w'ishyirahamwe ry'abafite amashuri yo kwigisha amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga « A.N.P.A.E.R » ndahiriye imbere ya Kongere, nshingiye ku myanzuro y'inama ya Kongere yantoreye kubika umutungo wose w'ishyirahamwe ku italiki 01/04/2016, ko nzubahiriza imirimo nshinzwe nta vangura iryariryo ryose kandi ko ntazatitira inshingano n'amategeko agenga iri shyirahamwe.

Ndamutse ntatiriye iyi ndahiro nkazabihanirwa n'amategeko

Imana izabimfashemo

Bikorewe i Kayonza, kuwa 01/04/2016

(sé)

NKUNDIMANA Callixte

Umubitsi wa A.N.P.A.E.R

IKIZA RY'URUBANZA MU RUHAME RYO KUWA 29/02/2008

URUKIKO RW'IBANZE RWA NYARUGENGE, RURI I NYWARUGENGE, RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, RWAKIJIJE URU RUBANZA MU RWEGO RWA MBERE MU BURYO BUKURIKIRA:

ABABURANYI:

UREGA: MUREKATETE Joselyne, mwene MUNYANEZA Joseph na MUKANDANGA Scolastique, wavutse 1973, avukira Kimisagara, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, ubu abarizwa ku Gisozi, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

UREGWA: -

IKIBURABWA: Gusaba urukiko kwemeza ko GITERA Cassien yazimiye.

URUKIKO,

Rumaze kubona ko uru rubanza rwatangiriye muri ruru rukiko mu kirego rwashyikirijwe na MUREKATETE Joselyne kuwa 29/12/2006, maze icyo kirego kikandikirwa mu bitabo byabigenewe kuri n° RC 0336/06/TB/Nyg;

Rushingiye ku ngingo ya 151 y'itegeko-nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko yavugururwa n'ingingo ya 15 y'ivugururwa n° 2 ryo kuwa 08/12/2005 ry'itegeko-nshinga; Rushingiye ku ngingo ya 66, n° 3 y'itegeko ngenga n° 07/2004 ryo kuwa 25/02/2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko nk'ukoryahinduwe kandi ryujijwe n'itegeko n°14/2006 ryo ku wa 22/03/2006;

Rumaze kubona itegeko rya Perezida w'urukiko, rishyira umunsi w'iburanisha kuwa 05/02/2007, ababuranyi babimenyeshwa bihujwe n'amategeko, uwo munsi ugeze, ruruhamagaje rusanga ababuranyi bitabye, MUREKATETE Joselyne yitabye kandi yiburanira mu ruhame, ariko ntirwaburanishwa kuko igihe giteganyijwe n'amategeko cyari kitaragera ngo uru rubanza rubashe kuburanishwa, nyuma rwimurirwa kuwa 07/01/2008, ababuranyi babimenyeshwa bihujwe n'amategeko, ariko nanone uwo munsi ugeze ntirwaburanishwa kuko umucamanza warutangiyeye yari muri Konji, nanone rwimurirwa kuwa 14/01/2008, ariko nabwo ntirwaburanishwa kuko umucamanza warutangiyeye yari akiri mu konji, rwongera kwimurirwa kuwa 18/02/2008, uwo munsi ugeze ababuranyi baritaba.

Rumaze kumva MUREKATETE Joselyne asobanura ikirego cye, akavuga ko icyo asaba ari uko urukiko rwakwemeza ko musaza we GITERA Cassien yazimiye, ibyo rukabihera ko kuwa muri 1992 ubwo yajyaga muri Kenya kurangura fromage kugeza ubu nta gakuru ke baheruka, ikindi kandi n'abayobozi b'aho yari afite amazu bakaba baranditse bemeza ko kuwa muri 1992 kugeza ubu batari bamubona aho hantu yubatswe;

Rumaze kumva avuga ko amakuru ye ayaheruka muri 1994 nabwo ayabwiwe n'abantu bajyaga bajyana kurangura, kuwa icyo gihe rero kugeza ubu hakaba hashize imyaka hafi cumi n'ine nta gakuru ke baheruka;

Rumaze kumva abazwa niba ibyo amategelko ateganyaga byose byarubahirijwe akavuga ko byubahirijwe kuko ikirego cyo gusaba kwemeza ko GITERA Cassien yazimiye cyatanzwe kuwa 29/12/2006, ubu rero hakaba hari hashize umwaka urenga ikirego gishyikirijwe urukiko;

Rumaze kubona ko ari nta yindi ngingi yo gusuzumwa, ababuranyi basinyira imvugo zabo, kandi banamenyeshwa ko ruzasomwa kuwa 29/02/2008, I saa munani;

Rusanze ikirego cya MUREKATETE Joselyne cyakwakirwa kuko cyaje mu buryo no mu nzira bihujye n'amategeko;

Rusanze ko GITERA Cassien yazimiye kuva muri 1994 kuko aribwo baheruka amakuru ye ya nyuma, bityo hakaba hagomba kubaho urubanza rwemeza ko yazimiye koko kuko hashize igihe kitari gito nta gakuru k'uko yaba akiri ho bamenya;

Rusanze MUREKATETE Joselyne yararegeye urukiko arusaba ko rwakwemeza ko GITERA Cassien yazimiye, ibi akabihera ko kuva avuye mu rugo kugeza ubu nta makuru ye bigeze bamenya, ndetse n'ubuyobozi bw'aho yubatswe bukaba bwaranditse bwemeza ko baheruka kuhamubona muri 1992, ko kuva ubwo atongeye kuhagaruka;

Rusanze ko mu kuburana kwe MUREKATETE Joselyne yasabye ko urukiko rwakwemeza ko GITERA Cassien yazimiye koko nk'uko yagiye abisobanura;

KUBERA IZO NGINGO ZOSE RUBONYE, MU RUHAME, ABABURANYI BOSE BAHARI;

Rushingiye ku itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04/06/2003, nk'uko ryavugururwa n'ivugurura n⁰2 ryo kuwa 08/12/2005. Cyane cyane ingingo za 16, 26, 27, 28, 140, 141, 151;

Rushingiye ku itegeko ngenga n⁰ 07/2004 ryo kuwa 25/04/2004, rigena imiterere, imikorere n'ububasha bw'inkiko nk'uko ryavugururwa kandi rikuzuzwa n'itegeko n⁰ 14/2006 ryo kuwa 22/03/2006, cyane cyane ingingo za 3, 7, 66 3⁰;

Rushingiye ku itegeko n⁰ 18/2004, ryo kuwa 20/06/2004, nk'uko ryavugururwa n'ivugururwa n⁰ 09/2006, ryo kuwa 02/03/2006, cyane cyane ingingo za 3, 4, 7, 9, 10, 23, 57, al 1, 59, 60, 61, 65, 144 al 1, 147, 148 al 1, 151, 352, 354;

Rushingiye ku itegeko n⁰ 42/88 ryo kuwa 27/10/1988, rishyiraho interuro y'ibanze n'igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano, cyane cyane ingingo za 38, 39, 40;

Rushingiye ku itegeko n⁰ 15/2004 ryo kuwa 12/06/2004, ryerekeye ibimenyetso n'itangwa ryabyo mumanza cyane cyane mu ingingo ya 2, 4, 9;

Rwemeje kwakira ikirego cyatanzwe na MUREKATETE Joselyne kandi ko gifite ishingiro;

Rwemeje ko GITERA Cassien yazimiye kuko amakuru ye ya nyuma abo mu muryango we bayaheruka muri 1994, kuva ubwo rero kugeza ubu akaba atarongeye kugaruka aho yari atuye nk'uko abayobozi baho babyemeje mu cyemezo cyo kuwa 02/07/2007;

Rwemeje ko amagarama yatanzwe ho ingwate ahama mu isanduku ya Leta kuko ahwanywe n'ibyakozwe muri uru rubanza;

NI UKO RUKIJWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME, NONE KUWA 29/02/2008, MU RUKIKO RW'IBANZE RWA NYARUGENGE RURI I NYARUGENGE, RUGIZWE NA NKUNDABAGENZI Ildéphonse, UMUCAMANZA, NA MUTALINDWA Félix, UMWANDITSI

UMUCAMANZA :
NKUNDABAGENZI Ildéphonse (sé)

UMWANDITSI:
MUTALINDWA Félix (sé)

**ITEKA RYA MINISITIRI N°2424/08.25 RYO
KU WA 18/11/2015 RITANGA
UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA
AMAZINA**

**MINISTERIAL ORDER N°2424/08.25 OF
18/11/2015 AUTHORISING CHANGE OF
NAMES**

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°2424/08.25 DU
18/11/2015 PORTANT AUTORISATION DE
CHANGEMENT DE NOMS**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**Ingingo ya mbere: Uburenganzira bwo
guhindura amazina**

Article One: Authorization to change names

**Article premier: Autorisation de changement
de noms**

**Ingingo ya 2: Igihe cyo guhinduza mu gitabo
cy'irangamimerere**

**Article 2: Deadline for changing in the civil
registry**

**Article 2: Délai de changement au registre de
l'état civil**

Ingingo ya 3: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 2424/08.25 RYO
KU WA 18/11/2015 RITANGA
UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA
AMAZINA**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 121 n'ya 122;

Ashingiye ku Itegeko N°42/1988 ryo kuwa 27 Ukwakira 1988 rishyiraho Interuro y'Ibanze n'Igitabo cya Mbere cy'Urwunge rw'Amategeko mbonezamubano, cyane cyane mu ngingo zaryo kuva kuya 65 kugeza kuya 71;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida N°27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Aba Minisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Aba Minisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo yambere;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri N°019/17 ryo kuwa 05/12/2001 rihindura Iteka rya Minisitiri N°097/05 ryo kuwa 25/03/1992 rishyiraho umubare w'amafaranga atangwa n'abashaka guhindura amazina yabo n'uburyo yakirwa, cyane cyane mu ngingo yaryo yambere ;

Abisabwe na Bwana **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** mu ibaruwa ye yakiriwe kuwa 17/06/2015;

**MINISTERIAL ORDER N°2424/08.25 OF
18/11/2015 AUTHORISING CHANGE OF
NAMES**

The Minister of Justice/Attorney General,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121 and 122;

Pursuant to Law N° 42/1988 of 27 October 1988, establishing the Preliminary Title and Volume One of the Civil Code, especially in Articles 65 to 71;

Pursuant to the President Order N° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Pursuant to the Ministerial Order N°019/17 of 5/12/2001, modifying the Ministerial Order N°097/05 of 25/03/1992, establishing the amount of fees to be paid for altering names and modalities for their collection, especially in Article One ;

On request lodged by Mr **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** received on 17/06/2015;

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°2424/08.25 DU
18/11/2015 PORTANT AUTORISATION DE
CHANGEMENT DE NOMS**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux,

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121 et 122 ;

Vu la Loi N° 42/1988 du 27 Octobre 1988 instituant le Titre Préliminaire et le Livre Premier du Code Civil, spécialement en ses articles de 65 à 71 ;

Vu l'Arrêté Présidentiel N° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Vu l'Arrêté Ministériel N° 019/17 du 05/12/2001 modifiant l'Arrêté Ministériel N°097/05 de la 25/03/1992 portant fixation du montant des frais relatifs au changement de noms ou prénoms ainsi que les modalités de leur perception, spécialement en son article premier;

Sur requête de Monsieur **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** reçue le 17/06/2015;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere: Uburenganzira bwo guhindura amazina

Bwana **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** utuye mu Mudugudu w'Akabeza, Akagari ka Rango B, Umurenge wa Tumba, Akarere ka Huye, mu Ntara y'Amajyepfo, ahawe uburenganzira bwo guhindura amazina ye **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** akitwa **INEZA MAHORO Jean Marie Vianney** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

Ingingoya 2: Igihe cyo guhindura mu gitabo cy'irangamimerere

Bwana **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** ahawe uburenganzira bwo guhindura amazina ye **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** akitwa **INEZA MAHORO Jean Marie Vianney** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka mu gihe cy'amezi atatu (3) uhereye ku munsu iri teka ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Ingingoya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 18/11/2015

HEREBY ORDERS:

Article One: Authorization to change names

Mr **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** domiciled in **AKABEZA Village**, Rango B Cell, Tumba Sector Huye District, in Southern Province, is hereby authorized to change her names **INGABIRE Tracy** to become **INEZA MAHORO Jean Marie Vianney** in the registry of civil status containing her birth certificate.

Article 2: Deadline for changing in the civil registry

Mr **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** is hereby authorized to change his names **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** to become **INEZA MAHORO Jean Marie Vianney** in the civil registry containing her birth certificate within three months (3) commencing from the date of publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 3: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 18/11/2015

ARRÊTÉ :

Article premier: Autorisation de changement de noms

Monsieur **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** domicilié dans le Village Akabeza, Cellule Rango B, Secteur Tumba. District de Huye, dans la Province du Sud, est autorisé à changer ses noms **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** pour être appelé **INEZA MAHORO Jean Marie Vianney** dans le registre de l'état civil contenant son acte de naissance.

Article 2 : Délai de changement au registre de l'état civil

Monsieur **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** est autorisé à changer ses noms **ABAGIRAMENYO Jean Marie Vianney** pour être appelé **INEZA MAHORO Jean Marie Vianney** dans le registre de l'état civil contenant son acte de naissance dans un délai de trois mois (3) à partir de la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Article 3: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 18/11/2015

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/Attorney General

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minister of Justice/Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MWANAFUNZI INGABIRE
DIANA RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **MWANAFUNZI INGABIRE Diana** utuye mu gihugu cya Canada, Québec, 43 de l'Auberge, Gatineau, akaba abarizwa kuri telefone +1(819) 684 1648/ +1(613) 252 7944; mu Rwanda akaba abarizwa mu Mudugudu wa Nyiramwana, Akagari ka Kibagabaga, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, kuri telefone 0788 56 1818, mu Mujyi wa Kigali; yasabye kwemererwa guhindura amazina ye, **MWANAFUNZI INGABIRE Diana**, akitwa **INGABIRE PETIT Diana** mu irangamimerere ye.

Icyo yasabye ni ugusimbuza izina **MWANAFUNZI**, izina **PETIT** bityo akitwa **INGABIRE PETIT Diana** mu irangamimerere ye.

Impamvu atanga ni uko, nyuma yo gushyingirwa byemewe n'amategeko n'umugabo we **PETIT Robert**, ufite ubwenegihugu bwa Canada, yahise yitwa izina ry'umugabo we, **PETIT**, maze yitwa **INGABIRE PETIT Diana** mu byangombwa bye byo mu gihugu cya Canada.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura amazina ye **MWANAFUNZI INGABIRE Diana** akayasimbuza **INGABIRE PETIT Diana**, bityo akitwa **INGABIRE PETIT Diana** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.
